# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-26 | TARIKI 12 - 18 KANAMA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw






AMAKURU

Perezida Kagame yitabiriye inama ya EAC na SADC ku mutekano muri RDC



2

AMAKURU


Guverinoma yijeje ko umuturage azinjiza amadolari 1 360 mu 2029



7

AMAKURU

Hafunguwe icumbi no kugenda ku migozi muri Pariki ya Nyungwe



10

SIPORO

Young Africans SC yatsinze Rayon Sports ku munsi wayo yegukana igikombe




23


# U Rwanda rwasinyanye amasezerano n'ikigo gikora imiti irimo iya kanseri

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ikigo gishinzwe Kugura no Gukwirakwiza imiti mu Rwanda (RMS), cyasinyanye amasezerano n'Ikigo Philex gikora imiti n'ibikoresho by'ubuvuzi muri Qatar, mu kwagura amahirwe yo kugeza imiti y'ingenzi mu Rwanda, harimo ivura kanseri n'indwara z'umutima n'umuvuduko w'amaraso.***

Umuhango wo gushyira umukono ku masezerano witabiriwe na Ambasaderi w'u Rwanda muri Qatar Igor Marara, ubwo bufatanye bukaba bubonwa nk'intambwe irushaho gukomeza ubutwererane bw'ibihugu byombi mu rwego rw'ubuvuzi.

Philex ni uruganda rw'imiti rukorana n'ibihugu bitandukanye rufite icyicaro gikuru mu cyanya cyahariwe inganda cya Salalah giherereye muri Leta ya Oman.

KOMEZA KU RUP.3




Hasinywe amasezerano agamije kwagura amahirwe yo kugeza imiti y'ingenzi mu Rwanda




**Dr Nsengiyumva yasabye Indangamirwa kwirinda kuba ibikoresho by'amahanga**

INKURU KU URUP.4

# Amanota ya P6 na 0' Level y'ibizamini bya Leta bya 2024/25 agiye gutangazwa

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburezi, MINEDUC yatangaje ko amanota y'ibizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2024/2025 by'abo mu mashuri abanza (P6) n'Icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (O' Level) azatangazwa ku wa Kabiri tariki ya 19 Kanama 2025.***

Ni ibyasohotse mu itangazo rya MINEDUC ryo ku Cyumweru tariki ya 17 Kanama 2025, ryanagaragaje ko umwaka w'amashuri wa 2025/2026 uzatangira ku wa 08 Nzeri 2025.

MINEDUC yagize iti: "Minisiteri y'Uburezi yishimiye kumenyesha abakandida, ababyeyi n'abaturage bose ko amanota

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Perezida Kagame yitabiriye inama ya EAC na SADC ku mutekano muri RDC



Perezida Paul Kagame yitabiriye Inama y'Abakuru bIbihugu bigize EAC na SADC

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yitabiriye Inama y'Abakuru b'Ibihugu bigize Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'Umuryango w'Iterambere ry'Afurika y'Amajyepfo (SADC).***

Ni inama yabaye kuri wa Gatatu tariki ya 13 Kanama 2025, ku buryo bw'ikoranabuhanga, kugira ngo basuzume intambwe imaze guterwa mu bikorwa byo kugarura amahoro mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Inama yayobowe na Perezida wa Kenya William Samoei Ruto uyoboye (EAC), na Perezida wa Zimbabwe Emmerson Mnangagwa uyoboye SADC).

Yitabiriwe n'abandi Bakuru b'Ibihugu barimo Hakainde Hichilema wa Zambia, Félix Tshisekedi wa RDC, hamwe na ba Visi Perezida barimo Jessica Alupo wa Uganda na Prosper Bazombanza w'u Burundi, hamwe n'abandi bayobozi batandukanye.

Ubunyamabanga Bukuru bwa EAC buvuga ko intego y'iyi nama ari ukwakira ibyavuye mu nama y'Abayobozi bafatanyije kuyobora (Co-Chairs) n'Ikipe y'Abafasha (Panel of Facilitators) yabaye ku wa 1 Kanama muri Nairobi, Umurwa Mukuru wa Kenya.

Biteganyijwe ko abo abayobozi bazarebera hamwe kandi imiterere n'inshingano zifatika z'Umuhuza wa Komisiyo y'Ubumwe bwa Afurika (AUC) n'Ikipe y'Abafasha ya EAC-SADC, ndetse banasuzume ko Perezida wa Botswana Mokgweetsi Masisi, yatorwa muri iryo tsinda.

Iyi nama ishingiye ku cyemezo cyafashwe ku wa 1 Kanama, ubwo abayobozi b'inama ihuriweho ya EAC–SADC hamwe n'Ikipe y'Abafasha ya AU bemeranyaga i Nairobi guhuza ibikorwa byabo byo kugarura amahoro n'ibikorwa bya AU, kugira ngo habeho uburyo buhamye bwo guhangana n'ibibazo by'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC.

Muri uru rwego, Ikipe y'Abafasha ya EAC-SADC izajya itanga raporo ku nama y'ubufatanye ya EAC–SADC ndetse n'iya AU.

Icyemezo cya mbere kandi cyari cyarateganyijwe guhuza ibiro bya tekiniki bya Komisiyo ya AU, EAC na SADC mu biro bimwe bihuriweho, bikayoborwa na Komisiyo ya AU kandi bikaba biherereye i Addis Ababa, mu gihugu cya Ethiopia.



U Rwanda n'imiryango irufasha kwimakaza ubuhinzi buvuguruye basinyanye amasezerano mashya

# U Rwanda rwongereye ubufatanye bwimakaza ubuhinzi buvuguruye

MUTETERAZINA Shifah

***Guverinoma y'u Rwanda yasinyanye amasezerano mashya n'ihuriro 'Alliance Bioversity International' n'Ikigo Mpuzamahanga giharanira Iterambere ry'Ubuhinzi butanga umusaruro mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere (CIAT), hishimirwa n'ibyagezweho mu myaka 10 ishize y'ubufatanye.***

Amasezerano yashyizweho umukono ku wa Kane tariki ya 14 Kanama, agamije guharura amayira yo gukemura ibibazo byo mu buhinzi birimo n'icy'imbuto zitabasha kwihanganira imihindagurikire y'ibihe gihangayikishije abahinzi.

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ihamya ko mu myaka 10 ishize y'ubufatanye, mu Rwanda havutse udushya twinshi turimo imbuto nshya y'ibishyimbo bimungahaye ku ntungamubiri kandi byoroshye kubiteka.

U Rwanda nanone rwungutse imbuto y'ibijumba bya orange bikungahaye kuri Vitamini A, insina n'imyimbati bitanga umusaruro mwinshi kandi bihangana n'imihindagurikire y'ibihe, udushya mu buvumvu no kongera umusaruro w'ubuki, ibinyampeke bitanga ifu ikungahaye n'ibindi bihingwa birushaho kunoza imibereho y'Abanyarwanda.

Bamwe mu bahinzi, bavuga ko serivisi zo kubigisha ibijyanye no guhinga ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri, bitanga umusaruro kandi bigahangana n'imihindagurikire y'ibihe ari ingenzi kandi bikwiye gukomeza kwigishwa.

Nyirahanganyamunsi Gerardine, avuga ko amahugurwa bahawe yabafashije kuko bafite umusaruro ushimishije bakaba biteze byinshi no kuri ayo masezerano mashya yasinywe.

Ati: "Nk'abahinzi isinywa ry'amasezerano ni intera ikomeye yo kugira ngo tuzamure ubuhinzi bwacu. Hari intera tugezeho turebye n'aho twatangiriye tugendeye no ku by'abandi bagezeho tudafite natwe tukabizana, ibyo dusanzwe dukora tukabishyiramo ingufu bikarushaho gutera imbere."

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr. Mark Cyubahiro Bagabe, ahamya ko kimwe mu byo biteze kuri aya masezerano ari uko azafasha mu guhugura abashakashatsi ku bijyanye no kongera ibihingwa bihangana n'ihindagurika ry'ibihe.

Ati: "Aya masezerano tuyitezeho ko azafasha mu kongera amahugurwa y'abashakashatsi, kwigisha abakiri bato kugira ngo tuzane amasaso mashya kubera ko hari abagenda bavamo. Hazakorwa uburyo butandukanye kugira ngo bagere ku musaruro twifuza."

Yakomeje avuga kandi ko hakenewe imikorere, ibikoresho n'ubumenyi bijyanye n'igihe, kugira ngo Abanyarwanda barusheho kwihaza mu biribwa.

Ati: "Siyansi irihuta cyane, hakenewe ibikoresho bijyanye n'igihe, ubwo bushakashatsi tuvuga bukubiye mu bintu byinshi birimo kureba ibihingwa byazamura imirire, ikindi n'imbuto zishobora kwihanganira ihindagurika ry'ibihe. Imvura ni nkeya kandi ibyonnyi ni byinshi, dukeneye imbuto ihangana n'ibyo byose kandi ikongera umusaruro."

Umuyobozi Mukuru w'Ihuriro rya Alliance of Bioversity International na CIAT muri Africa, Dr. Wanjiru Kamau-Rutenberg, avuga ko impamvu bahisemo gukorana n'u Rwanda ari uko Leta iborohereza ku buryo ibyo bakora byose byihuta.

Yagize Ati: "Ubwitange bwa Leta, uburyo ikora ndetse n'imikorere ishingiye kuri politiki zayo, bituma umuntu ahitamo gukorana na yo mu buryo butamugoye. Iyo Leta yumvise kandi yizeye ibyo ukora, ndetse ikakubona nk'umufatanyabikorwa ufite ubushobozi kandi mwiza, mu gihe gito cyane, ibintu bigenda neza."

Yakomeje ashimangira ko u Rwanda ari intangarugero mu bihugu 63 bakoreramo, by'umwihariko mu birebana no gucunga nwza imishinga.

Amasezerano yasinywe hagati ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yavuguruwe akurikiye ayasinywe mu 2014 hakaba hari hashize imyaka 10, mu gihe ayongerewe azafasha muri Gahunda ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere (NST2) agasatira n'inzira y'Icyerekezo 2050.





# U Rwanda rwasinyanye amasezerano n'ikigo gikora imiti irimo iya kanseri

IBIKURIKIRA URUP.1

Urwo ruganda rukoresha ikoranabuhanga rigezweho mu gutunganya imiti inyuranye irimo n'ikoreshwa mu buvuzi bw'indwara ya kanseri ndetse n'indwara zinyuranye z'umutima n'umuvuduko w'amaraso.

Ikigo cyarwo kiri mu bigo mpuzamahanga bikora imiti yizewe kandi ipfunyitse kinyamwuga, kandi cyiyemeje gukora imiti n'ibikoresho by'ubuvuzi bihendutse mu Karere mu rwego rwo guharanira kunoza imibereho y'abaturage.

Ku Cyumweru tariki ya 17 Kanama nanone, icyo kigo cyanasinye amasezerano y'ubufatanye n'Ikigo Labophar Ltd cyo mu Rwanda azafasha kujya Philex yohereza imiti y'ibinini n'iy'ifu mu Rwanda.

Mu mwaka wa 2024, ubwo Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yitabiraga Inama Mpuzamahanga ku Mutekano yifashishije ikoranabuhanga, yashimangiye ko u Rwanda rufitanye umubano uhamye na Qatar.

Yavuze ko uwo mubano ugamije gushyira mu bikorwa imishinga y'ingenzi irushaho kuzamura ubukungu bw'ibihugu byombi n'imibereho y'abaturage babyo.

Yatanze ingero z'imishinga ikomeye u Rwanda ruhuriyeho na Qatar, irimo uwo kwagura Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali giherereye i Bugesera, kongerera imbaraga ubufatanye bw'ibigo by'indege n'ibindi.

Yavuze ko u Rwanda rwubakiye iterambere ryarwo ku kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda ari na ho bahuriza hamwe mu kwiyubaka mu buzima, uburezi, umutekano w'ibiribwa, ikoranabuhanga n'inganda zinyuranye.

Uretse inzego z'ubukungu, ibihugu byombi binafitanye umubano ukomeje gutera imbere mu kwimakaza umutekano n'igisirikare.



Amasezerano yasinywe harimo imiti ivura kanseri n'indwara z'umutima n'umuvuduko w'amaraso

# Amanota ya P6 na 0' Level y'ibizamini bya Leta bya 2024/25 agiye gutangazwa

IBIKURIKIRA URUP.1

y'ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza (P6) n'Icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (S3) umwaka wa 2024/2025, azasohoka ku wa Kabiri tariki ya 19 Kanama 2025 saa cyenda z'amanywa."

Yongeyeho ko abantu bashobora kuzakurikirana icyo gikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga banyuze ku rubuga rwayo rwa YouTube.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), cyatangaje ko abiyandikishije gukora ibizamini bya Leta mu cyiciro rusange bari 149 134 barimo abakobwa 82 412 n'abahungu 66 722.

Mu gihe abasaga ibihumbi 220 ari bo bakoze ibizamini bosoza amashuri abanza barimo abakobwa 120.635, abahungu 100.205, n'abafite ubumuga 642.



Amanota y'abanyeshuri barangije amashuri abanza n'Icyiciro cya mbere cyayisumbuye azatangazwa ku wa Kabiri tariki 19 Kanama

# Dr Nsengiyumva yasabye Indangamirwa kwirinda kuba ibikoresho by'amahanga




Minisitiri w'Intebe yasabye Indanganirwa kutaba ibikoresho by'amahanga

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva Justin, yasabye abasore n'inkumi barangije Itorero Indangamirwa, guharanira guteza imbere u Rwanda aho bari hose birinda kuba ibikoresho by'amahanga.***

Yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 14 mu Kigo cy'Ubutore cya Nkumba mu Karere ka Burera mu Ntara y'Amajyaruguru, ubwo yasozaga Itorero Indangamirwa icyiciro cya 15.

Ni icyiciro cyatojwemo abasore n'inkumi b'urubyiruko ruba mu Rwanda no mu mahanga bagera kuri 443.

Iryo torero ryari rimaze iminsi 45, rigamije gutoza urwo rubyiruko indangagaciro z'umuco Nyarwanda, urukundo rw'Igihugu, ubwitange n'ubunyangamugayo.

Bigishwa amateka y'u Rwanda, icyerekezo cy'Igihugu n'inshingano bafite mu kurinda ibyagezweho no kubaka u Rwanda ruzira amacakubiri.

Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva ashingiye kuri ayo masomo bigishijwe yabasabye kutayapfusha ubusa ko ahubwo ari impamba yo kwamagana amahanga aba yifuza kubagira ibikoresho.

Yagize ati: "Amasomo ari mu mateka yacu ntimuzayapfushe ubusa. Abenshi muri mwe mwarangije amashuri yisumbuye abandi murimo kwiga muri Kaminuza.

Ibi ni byo bizatuma dushobora kugira ijambo muri iyi Si aho buri wese areba mbere na mbere inyungu ze.

Amahanga tuyajyamo guhaha ariko iyo ugiye udafite uwo uri we bakugira uwo bashaka ko uba we, kandi mu nyungu zabo, ibyo rero si ibintu dukwiye kwemera."

Dr Nsengiyumva yumvikanishije ko kugira ngo urwo rubyiruko rubigereho neza ari uko rwiyemeza gutsinda ingeso mbi zirwibasira, harimo kwiyandarika, gukoresha ibiyobyabwenge n'ubusinzi.

Yabibukije ko iryo torero basoje, ari umwanya mwiza wo kugira ngo buri wese atekereze ku ruhare rwe bwite mu kubaka Igihugu.

Ati: "Buri wese azirikane inkingi Igihugu cyacu cyubakiyeho zirimo ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere, ibi tukabigeraho ari uko dufite umutekano.

Turasabwa twese kugira ubushake bwo gutera imbere no guteza imbere Igihugu kuko amateka y'Igihugu cyacu yerekanye ko iyo hari ubushake, twagera ku cyo twiyemeje icyo ari cyo cyose.

Muri iri torero, mwaganirijwe ku miyoborere y'Isi turimo, mwabonye ko gukomera kw'Igihugu cyacu bihera ku myitwarire ya buri umwe muri twe."

Umwe mu barangije iryo torero Ikwiyibisingizo, yavuze ko bize byimbitse amasomo atuma bakunda Igihugu kandi bigishwa kubyuka kare no gukora imyitozo ngororamubiri.

Ati: "Twamenye kumesa imyambora yacu, gukora isuku aho tuba abenshi twabyigiye hano."

Rwemera Ally Hamis yavuze ko nk'abarangije Itorero bahize kuzameza kwigisha amateka y'u Rwanda no guharanira kwamagana abashaka kuyagoreka.

Yavuze ko kandi bazakomeza kuyigisha abatayazi bahereye ku bato badasize n'abakuru.

Yanemeje kandi ko bazakomeza kwamagana amacakubiri, kwirinda inzoga n'ibiyobyabwenge, kwihatira kuvuga neza Ikinyarwanda no kurangwa n'ingangaciro z'umuco no kuzigisha abandi.

Ati: "Tuzagira uruhare muri gahunda za Leta cyane izireba urubyiruko ndetse n'izindi."

Mu basoje Iterero Indangamirwa Icyiciro cya 15, 443 harimo abiga mu mahanga 105, abiga mu mashuri mpuzamahanga akorera mu Rwanda 103, n'urubyiruko rwo hiryo no hino mu Turere tw'u Rwanda 235 (ababaye indashyikirwa ku rugerero rw'abarangije amashuri yisumbuye).

# 81% by'Abanyarwanda bafite icyizere cyo kubona amafaranga

NTAWITONDA Jean Claude

***Raporo y'Igihembwe cya kabiri y'Ikigo gishinzwe gukusanya Amakuru ku bigo by'Imari (TransUnion), igaragaza ko hejuru ya 81% by'Abanyarwanda bafite icyizere cyo kubona amafaranga aho abasaga 38% bemeza ko babonye inyongera ku yo binjiza.***

Ni mu gihe imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) igaragaza ko igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2025 ubukungu bw'u Rwanda bwiyongereye ku kigero cya 7,8%.

Abanyarwanda bakomeje kugaragaza icyizere ku hazaza h'imari yabo by'umwihariko bagereranyije n'umwaka ushize.

Raporo ya TransUnion ishimangira ko 37% imari y'Abanyarwanda yarishijeho gutera imbere kurusha uko bari babyiteze.

Thabo Molefe, Umuyobozi w'Akarere ka Afurika muri TransUnion, yavuze ko abaguzi bakomeje kugaragaza ukwihagararaho n'icyizere cy'ahazaza mu guhangana n'ingorane z'ubukungu.

Yakomeje avuga ko icyizere cyo kugera ku mari gishingiye ku iterambere ry'Igihugu mu rugendo rwo kwiyubaka n'iterambere ritagira n'umwe riheza.

Yakomeje agira ati: "Kugera ku nguzanyo n'icyzere cyo gukoresha ikoranabuhanga byabaye ingirakamaro cyane, biragaragara ko kwegereza abaguzi uburyo buzima no kubarinda bizakomeza kuba ingenzi ku gukomeza gusigasira uru rugendo rugana aheza."

Bivugwa ko mu mezi atatu ashize, ingo zimwe na zimwe zo mu Rwanda zahuye n'ingorane z'ubukungu, harimo kubura akazi byaje nk'ikibazo cyakomereye benshi.

By'umwihariko mu babajijwe, 29% bavuze ko babuze akazi muri ayo mezi, na ho abagera kuri 20% bahuye n'ikibazo cyo kugabanyirizwa ibihembo cyangwa umushahara.

Ni mu gihe 14% bagabanyirijwe amasaha y'akazi na ho 12% bakaba baravuze ko ubucuruzi bw'umuryango bwafunze imiryango cyangwa bukaba bucumbagira.

Ku birebana n'impinduka nziza, 23% mu babajijwe batangaje ko batangiye imirimo mishya, 22% bavuga ko hari umwe mu bo mu muryango wabo watangiye ubucuruzi bushya na ho 16% bavuga ko umushahara wabo wiyongereye.

Mu birebana n'imyitwarire ku mafaranga, 28% bagiye bizigama mu kigega cy'ingoboka kandi banishyura imyenda yabo mu gihe gito, na ho 24% ni bo bazigamiye izabukuru.

Mu mezi atatu ari imbere, 38% by'abaguzi babajijwe bagaragaje ko gukoresha amafaranga biziyongera ku kigero kiri hejuru y'icyari cyitezwe, by'umwihariko akazaba ashyirwa mu ishoramari.

Nanone kandi 45% biteze ko ishiramari rizarushaho kwiyongera muri serivisi z'ubuvuzi, na ho 42% bakavuga ko iryo shoramari riziyingera muri serivisi z'ikoranabuhanga.

Hejuru ya kimwe cya kabiri cy'abaguzi mu Rwanda (51%) bitezweho kuzarengwa no kwishyura fagitire cyangwa inguzanyo muri iki gihembwe gikurikiyeho.

Abanyarwanda biyemeje kwishyura fagitire n'imyenda uko bikwiye, ariko 39% muri bo bavuga ko bazishyira igice bashoboye, 39% bakavuga ko bazajya bakora ibiraka bakishyura na ho abandi 39% bakavuga ko bazishyira ku yo bari barizigamye.





# NAEB yahembye ikawa 20 zahize izindi isaba abahinzi kutirara




Ikawa 20 za mbere nziza zahize izindi mu mwaka wa 2025 zarahembwe

MUTETERAZINA Shifah

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB), cyahembye ikawa 20 za mbere nziza zahize izindi mu mwaka wa 2025, binyuze mu marushanwa ngarukamwaka y'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda, abahinzi basabwa kutirara kuko hakiri urugendo.***

Ni igikorwa cyabaye ku itariki 13 Kanama 2025, aho byagaragaye ko ikawa 20 ari zo zatsinze zivuye muri 316 zari zitabiriye ayo marushanwa.

Ni amarushanwa abaye ku nshuro ya kabiri, akaba ategurwa mu rwego rwo gushimira abahinzi, abatunganya n'abohereza ikawa mu mahanga, kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga no kurushaho kuzamura igiciro cyayo.

Umuyobozi Mukuru wa NAEB, Claude Bizimana yashimiye abahinzi b'ikawa kubera umuhate bagira mu kuyihinga no kuyikorera, abibutsa ko bakwiye kurushaho gushyiramo imbaraga.

Yagize ati: "Uyu munsi twizihiza ikawa zahize izindi, ni umwanya mwiza wo kuzirikana no gushimira umuhate abahinzi bagira mu gukorera ikawa, bongera umusaruro ndetse n'ubwiza ari na byo byagaragaye muri aya marushanwa.

[...] Bahinzi mwaduteranyirije hano, iyi ni intangiriro ariko ntitwari twagera aho twifuza kugera kubera ko musabwa gukomeza gushyiramo imbaraga kugira ngo hatazaba icyuho mu buryo duteguramo ikawa yacu, ibyiza tugezeho bikazasubira inyuma."

Umwe mu bakozi ba Kompanyi itunganya ikawa yitwa 'K Organics' ari nayo yabaye iya mbere, Ndayahundwa Ignace avuga ko intsinzi babonye ari umwanya wo kurushaho gukora neza.

Ati: "Turishimye cyane kuko ari nawo musaruro wacu wa mbere, umwihariko w'ikawa yacu ni uko tuyitaho neza kandi tukayanikana ibishishwa byayo kugira ngo igumane umwimerere, tugiye kurushaho kuba maso mu kuyihinga, kuyitaho no kuyisarura kuko ikawa ni igihingwa gisaba kwitabwaho cyane kugira ngo tuzarusheho kuba ku isonga no mu ruhando mpuzamahanga."

Umunyamabanga Uhoraho muri Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr. Olivier Kamana, avuga ko aya marushanwa ari ingenzi kuko ari abahamya kubona umusaruro wayo ku ikawa no ku bahinzi bayo muri rusange.

Ati: "Turi abahamya b'umusaruro w'aya marushanwa y'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda, dushingiye ku ruhare rwayo mu kongera amafaranga umuhinzi w'ikawa yinjiza, kuzamura isura nziza n'isoko by'ikawa y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga."

Amabasaderi w'u Buyapani Isao Fukushima nka bamwe mu baterankunga b'aya marushanwa, avuga ko baterwa ishema n'uko ikawa y'u Rwanda ikomeje kuba ubukombe kandi bizakomeza gutyo.

Ati: "Twizeye ko urwego rw'ikawa mu Rwanda ruzakomeza gutera imbere, rukazamura imibereho irambye y'abahinzi kandi rukagira uruhare rukomeye mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda, mu rwego rwo gukomeza ubufatanye harateganywa imurika ry'ikawa muri Tokyo."

Biteganyijwe ko izi kawa 20 zahise izindi mu bwiza buhebuje mu marushanwa ya 2025 zizagurishwa mu cyamunara izakorwa hifashishijwe ikoranabuhanga tariki 08 Ukwakira 2025.

# U Rwanda na Australia mu biganiro byo kwagura ubucuruzi n'ishoramari

NTAWITONDA Jean Claude

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, uri mu Mujyi wa Adelaide muri Australia, yagiranye ibiganiro na Minisitiri wungirije w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubucuruzi w'icyo gihugu Matt Thistlethwaite.***

Ibiganiro bagiranye kuri uyu wa Gatanu tariki ya 15 Kanama, byibanze ku ngingo z'inyungu u Rwanda na Australia bihuriyeho, zirimo ubucuruzi n'ishoramari.

Uruzinduko rwa Minisitiri Nduhungirehe muri Australia rwatangiye ku wa Kane tariki ya 14 Kanama, akaba yitezweho ko azaganira n'abayobozi batandukanye aho anitabira Umwiherero w'Abayobozi b'icyo gihugu.

U Rwanda na Australia bisanzwe bifitanye umubano uzira amakemwa, aho u Rwanda ruhagarariwe n'Ambasaderi ufite icyicaro muri Singapore, mu gihe Australia i Kigali ihagarariwe n'Ambasaderi ufite icyicaro muri Kenya.

Mu mwaka wa 2023, ibihugu byombi byashyizeho Inama y'Ubucuruzi n'Ishoramari (ARTIC), mu Mwiherero w'Abayobozi nanone wabereye i Brisbane.

Iyo Nama y'Ubucuruzi n'Ishoramari ihuza u Rwanda na Australia ifasha mu kurushaho kwimakaza ubufatanye butanga umusaruro ku mpande zombi by'umwihariko mu bucuruzi, uburezi n'umuco.

U Rwanda ruha amahirwe abashoramari bashyira imari yabo mu nzego z'ingenzi nk'ikoranabuhanga, ibikorwa remezo, ubukerarugendo, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'izindi, yo gukomorerwa imisoro muri gihe cy'imyaka irindwi ndetse bakanagabanyirizwa 50% nyuma yaho.

Ku rundi ruhande, u Rwanda rukomeza gushyira imbaraga mu gushishikariza abashoramari bo muri Australia kubyaza umusaruro amahirwe ari mu Rwanda.

Mu mwaka wa 2023, Urwego rw'u Rwanda rw'Iterambere (RDB) n'Ambasade y'u Rwanda muri Singapore bakoze ibitarqmo ku muhanda mu mijyi itanu ikomeye, bishishikariza abaturage ba Australia gusura u Rwanda.

Iyo mijyi yabereyemo ibyo bitaramo ni Brisbane, Melbourne, Canberra, Sydney na Perth, aho intego nyamukuru yari iyo kurushaho kureshya abashoramari n'abakerarugendo bo muri icyo gihugu kiza mu byateye imbere ku Isi.

Intumwa z'u Rwanda zagize amahirwe yo kuganiriza abashoramari barenga 100 mu gihe cy'icyumweru.

Kugeza n'uyu munsi hakomeje guhangwa ibishya bigamije kubyaza umusaruro ukwiyemeza kw'ibihugu byombi mu kubyaza umusaruro amahirwe y'ubucuruzi n'ishoramari mu nyungu z'abaturage.

# RRA yatanze miliyoni 464 Frw z'ishimwe ku basabye EBM

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA), cyahaye miliyoni 464 z'amafaranga y'u Rwanda abaguzi 40 905 basabye fagitire za EBM ku bicuruzwa na serivisi bicibwaho umusoro ku nyongeragaciro (TVA).***

Abo bayahawe ku wa 15 Kanama 2025, bakaba baratse EBM kuva muri Mata kugeza muri Kamena 2025.

RRA yatangaje ko kuva iyi gahunda yatangira mu mwaka wa 2024, amafaranga amaze gutangwa mu Ishimwe kuri TVA yarenze miliyari 1.5 Frw, ku baguzi ba nyuma bagera ku 130 000.

RRA ivuga ko kugeza ubu abaguzi ba nyuma hafi 200 000 bamaze kwiyandikisha muri gahunda y'ishimwe kuri TVA, aho basabye fagitire zirenga miliyoni 4, zinjije TVA hafi miliyari 33 Frw.

Kugira ngo umuguzi ahabwe ishimwe, umusoro ku nyongeragaciro ugaragara ku nyemezabuguzi yahawe ugomba kuba waramenyekanishijwe ukanishyurwa.

Mu gusaba fagitire ya EBM, umuguzi yibutsa umucuruzi gushyira kuri fagitire nimero ya telefoni yakoresheje yiyandikisha.

Iyo umucuruzi yanze gutanga fagitire ya EBM, umukiliya agomba kubimenyesha RRA, agatanga amakuru arimo izina na TIN by'umucuruzi, aho akorera, itariki yaguriyeho, icyemezo cy'uko yishyuye (kuri Mobile money cyangwa Banki), n'umubare n'agaciro k'ibyo yaguze. Icyo gihe umuguzi ahabwa ishimwe ry'inyongera ringana na 50% ku bihano umucuruzi aciwe.

Ayo makuru ku bacuruzi batubahirije amategeko atangwa kuri WhatsApp nimero 0739008010.



Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyahembye abasaba fagitire za EBM

Mu kongerera abaguzi amahirwe babona, RRA iheruka kwinjira mu bufatanye na QT Global Software Ltd na AMBI Tech Ltd., bwiswe "TengaPromo". Bugamije gutuma umuguzi wa nyuma uhashye ibintu bicibwa TVA, kuri fagitire agashyiraho nimero ya telefoni yakoresheje yiyandikisha, bimuhesha amanota.

Buri manota umuguzi abonye, afite ibihembo bigendana ashobora gukinira akanze *562#, biri hagati ya 5000 Frw na miliyoni 1 Frw. Abaguzi basaga 1200 bashobora gutsindira ibihembo bishobora kugera muri miliyoni 50 Frw buri kwezi.

Iteka rya Minisitiri ryerekeye ishimwe rishingiye kuri TVA riteganya ko umuguzi wa nyuma uhashye ibintu atagamije ubucuruzi ahubwo ari ibyo gukoresha ku giti cye, ahabwa ishimwe ringana na 10% by'umusoro wa TVA ugaragara kuri fagitire yahawe.

Kugira ngo umuntu abe mu bemerewe ishimwe, agomba kwiyandikisha no gutanga amakuru arimo amazina ye, nimero ya telefone yo mu Rwanda, konti ya Mobile Money cyangwa konti ya banki, n'indangamuntu ku Banyarwanda cyangwa ikindi cyangombwa cyemewe ku banyamahanga.

# EXPO 28: Abahembwe biyemeje kuzongera udushya



Abahize abandi muri Expo 28 bahawe ibihembo

NYIRANEZA Judith

***Imurikagurisha mpuzamahanga rya 28 ryaberaga i Gikondo ryasojwe ku mugaragaro ku wa Kane tariki ya 14 Kanama 2025, hashimirwa abamuritse ibikorwa byabo n'abafatanyabikorwa batandukanye ndetse abahembwe biyemeza kuzongera udushya.***

Mu gusoza iryo murikagurisha ryitabiriwe n'abamurika basaga 470 abahize abandi bahembwe, barimo ibigo bya Leta, abanyamahanga, abikorera hakaba harimo n'abamuritse ibyajyaga bitumizwa hanze.

Umwe mu bitabiriye imurikagurisha ku nshuro ya mbere, Mungwarareba Jean Bosco yavuze ko kuba ahembwe bimuteye ishyaka.

Ati: "Igikombe twabonye twaje tuje kumurika ibicuruzwa bishya kandi bikorerwa mu gihugu cyacu, ni amahirwe, ibikorerwa mu Rwanda biteye ishema dukora kandi bikorwa mu Gihugu cyacu, biduhaye icyizere n'ishema ko tuzabigeraho nta shiti."

Nzaramba Arafat, witabiriye Expo 28 yavuze ko mu imurikagurisha agurisha, akabona amafaranga ariko ko rimufasha kubona abakiliya bashya, akanahungukira ubumenyi.

Yagize ati: Inyungu ya mbere ni uko iyo naje hano mbona abandi bakiliya bashobora kuza hano, kandi no hanze tugakomezanya bagakomeza kumpahira, abaza muri expo ni benshi hari ufata nomera akavuga ati nzaguhamagarambone ikingiki. icya kabiri, nigiramo isoko, hari uza ati mpa iki ngasanga singifite, ngahita njya kugishakisha."

Umuyobozi Mukuru ushinzwe imirimo rusange muri Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda, Mukeshimana Claire yavuze ko hagaragayemo udushya mu imurikagurisha rya 28 ndetse ko n'ubutaha hazarushaho guhangwa utundi.

Yagize ati: "Mu ruhande rw'udushya kandi turifuza ko ubutaha twazabona ibintu byinshi byiza haherewe ku modoka z'amashanyarazi, ikoranabuhanga bikaba bigaragaza kandi bishimangira ko u Rwanda rukomeje kuzamuka mu guhanga udushya tugezweho."

Umuvugizi w'Urwego rw'Abikorera (PSF), Hunde Walter yavuze ko iri murikagurisha ryagenze neza, kandi binafasha gutegura neza iritaha.

Yagize ati: "Iyo usoje imurikagurisha uba utangiye gutegura iry'umwaka utaha, rizaba kuva ku ya 28/7-17/8/2026 ubu ni ukuvuga ngo, uri muri expo azatahana ubutumire kuri ariya matariki.

Abahembwe harimo Inkingi Art, Skin Paradise, NIDA, Irembo, BK, I&M Bank, HQ-Aqua Plastic Ltd, RIB, Movit, Ameki Color, BRALIRWA, RDB, MINICOM, EIJA Machinery Dedica, Johana Product Ldt.

Imurikagurisha rya 28 nubwo ryasojwe kuri uyu wa 14 Kanama, rirakomeza kuko rizasoza ku itariki ya 17 Kanama 2025.

PSF yatangaje ko abantu basaga ibihumbi 30, ari bo bitabiriye expo ku munsi.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Ubufatanye n'inganda z'imiti biharurira u Rwanda inzira yagutse*

*Uretse kugera ku buvuzi rusange bugera ku baturage bose, u Rwanda rwihaye intego yo kuba igicumbi cy'ubukerarugendo bushingiye ku buvuzi aho abaturutse imihanda yose bazajya baza kuhashakira ubuvuzi bugezweho n'amahugurwa.*

*Ni muri urwo rwego imbaraga nyinshi zikomeje gushyurwa mu kubaka urwego rw'ubuzima binyuze mu guhugura abaganga, gushyiraho ibikorwa remezo binyuranye by'ubuvuzi n'ibitangirwamo amahugurwa, ikoranabuhanga rigezweho mu buvuzi n'ibindi.*

*Mu 2029, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho ubunyamabanga bw'Urwego rushinzwe kwimakaza Ubuzima (HRH), ikigo gifite inshingano zo kubaka ibikorwa remezo by'uburezi mu buvuzi no kubakira ubushobozi abakora mu buvuzi mu kubaka inzego ziramba.*

*Uretse kubaka ubushobozi bw'abakozi n'ibikorwa remezo, mu Rwanda hakomeje kwiyongera ibigo bikora imiti, inkingo n'ibikoresho byifashishwa mu buvuzi nka LABOPHAR Ltd imaze imyaka isaga 40 ikorera mu Rwanda.*

*Mu mpera z'umwaka wa 2023, Ikigo cy'Abadage gikoresha ikoranabuhanga rigezweho mu gukora inkingo n'imiti BioNTech cyujuje uruganda i Kigali, mu kwimakaza ikorwa ry'inkingo za mRNA zizajya zikoreshwa muri Afurika no hanze yayo.*

*Urwo ruganda kandi ruzakora inkingo zirimo iz'igituntu ndetse n'iza malariya muri gahunda icyo kigo gikomeje gushyira imbere mu gushaka ibisubizo bihamye ku buvuzi bwo muri Afurika.*

*Intambwe ikomeje guterwa igaragaza ko mu myaka iri imbere mu bihugu by'i Burayi na ho hashobora kuzaba hari imiti ikunzwe kandi ivura neza yakorewe mu Rwanda, nk'uko n'inganda zo muri ibyo bihugu zikora imiti usanga dukunda kandi yihagazeho ku biciro.*

*Nubwo urugendo rwo gukora imiti mu Rwanda rutaragera ku rwego mpuzamahanga, icyizere cyo gukorera imiti, inkingo n'ibikoresho byifashishwa mu buvuzi byujuje ubuziranenge ni cyose ukurikije imbaraga zishyirwa mu guharanira ko uruganda rw'imiti rushingira ku bumenyi n'ubunararibonye bw'inganda zisanzwe zikora ku Isi.*

*Gukorera imiti, inkingo n'ibikoresho by'ubuvuzi mu Rwanda kuri ubu ntibikiri inzozi kuko inganda nka Labophar Ltd n'ubufatanye Igihugu gifitanye na BionTech bwahinduye icyerekezo cy'Igihugu mu rwego rw'ubuvuzi.*

*Icyo cyerekezo ni na cyo gikomeza gusaba u Rwanda kurushaho kubaka imikoranire ihamye n'ibindi bigo bitandukanye bifite ubunararibonye mu gukora imiti n'ibindi bikoresho by'ubuvuzi.*

*Uko u Rwanda rurushaho gukorana n'ibigo by'amahanga bifite ubunararibonye mu gukora imiti, inkingo n'ibindi bikoresho by'ubuvuzi ni ko rugenda rufungura amarembo yo kugera ku ntego rwihaye.*

# Guverinoma yijeje ko umuturage azinjiza asaga miliyoni 2 mu 2029

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin yagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2, 2024-2029), aho umusaruro umuturage azinjiza uzava ku mpuzandengo y'Amadolari ya Amerika 1,040 mu mwaka wa 2023 ugere ku madolari arenga gato 1,360 ni ukuvuga miliyoni 2 Frw mu 2029.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 12 Kanama 2025, ubwo yagaragazaga uburyo intego Igihugu kihaye mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyerekezo 20250 zizagerwaho.

Yagize ati: "Umusaruro umuturage azinjiza uzava ku mpuzandengo y'amadolari ya Amerika 1 040 yariho mu mwaka wa 2023 ugere ku madolari asaga 1 360 mu 2029."

Kugira ngo bizagerweho, ni ngombwa ko umusaruro mu zindi nzego z'ubukungu uzazamuka, harimo ubuhinzi n'ubworozi, inganda, kongerera agaciro ibikomoka imbere mu gihugu, ubukerarugendo, n'izindi.

Biteganyijwe ko ubukungu bw'Igihugu buzazamuka ku mpuzandengo ya 9.3% buri mwaka kugeza mu 2029.


Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi bagejejweho gahunda ya Guverinoma mu myaka 5

Ubuhinzi buziyongera ku mpuzandengo iri hejuru ya 6% buri mwaka kandi hazongerwa ubuso bwuhirwa buzave kuri hegitari ibihumbi 71 kuri ubu, bugere kuri hegitari ibihumbi 130.

Ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bizatezwa imbere, umusaruro ubukomokaho uziyongere ku kigero cya 50%.

Umusaruro w'ibitunganyirizwa mu nganda, biteganyijwe ko uziyongera ku mpuzandengo ya 10,4% buri mwaka.

Hazongerwa ingano y'ifumbire mvaruganda ikoreshwa kandi abashaka gushora imari mu buhinzi boroherezwe kubona inguzanyo, aho izishorwa mu buhinzi zizagera ku rugero rwa 10% by'inguzanyo zose zitangwa n'ibigo by'imari, ugereranyije na 6% biriho kuri ubu.

Dr Nsengiyumva yasobanuye kandi ko urwego rw'ishoramari ruzakomeza kuzamuka binyuze mu bikorera, ibyo bikazazamura ubukungu ari nako ubuzima bw'abaturage burushaho kumera neza.

Yagize ati "Kugera kuri iki kigero cy'ishoramari, tuzabikesha cyane cyane kwiyongera kw'ishoramari ry'abikorera, aho ryavuye kuri 15.9% by'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu muri 2023, rikazagera kuri 21.5% muri 2029."

Mu kugabanya ikinyuranyo hagati y'ibyoherezwa mu mahanga n'ibitumizwayo, hazashyirwa imbaraga mu kongera ibyoherezwayo ari mu Karere u Rwanda ruherereyemo no mu mahanga.

Ati: "Agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga kazikuba inshuro zirenze ebyiri, kazava kuri miliyari 3.5 z'amadolari ya Amerika mu 2023, kagere kuri miliyari 7.3 z'Amadolari ya Amerika mu 2029."

Mu rwego rw'Ubukerarugendo, Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva Justin, yavuze ko u Rwanda rugiye kujya rwinjiza tiriyari 1.5Frw mu bukerarugendo buri mwaka.

Kugira ngo iyo ntego igerweho yasobanuye ko hazakomeza gutezwa imbere ahantu nyaburanga hasanzwe ndetse hanatunganywe ahandi hashya hirya no hino mu gihugu, hagamijwe guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku kubungabunga bidukikije.

Dr Nsengiyumva yavuze ko hazakomeza gutezwa imbere ibikorwa by'ubukerarugendo bishingiye ku nama igihugu cyakira, kandi hakanahugurwa abantu benshi bakora mu rwego rw'ubukerarugendo.

Yagarutse ku kuba kuzamura urwego rw'ubukerarugendo hazashyigikorwa imishinga y'ubukerarugendo irengera ibidukikije, hakanabungabungwa urusobe rw'ibinyabuzima.

Urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ruzarushaho gukora kinyamwuga ndetse amabuye yongererwe agaciro mbere yo kuyohereza ku isoko mpuzamhanga, hagenderewe kuzamura ubukungu bw'igihugu, aho biteganyijwe ko ruuzagera kuri miliyari ebyiri z'amadolari ya Amerika muri 2029.

Mu bijyanye no guhanga imirimo mishya ibyara inyungu, hazahangwa ingana na miliyoni 1, 250 bivuze ko nibura imirimo ibihumbi 250 izahangwa buri mwaka, kandi kugira ngo bigerweho hazatezwa imbere gahunda yo guhandga udushya.

# Itorero Indangamirwa rimaze gutoza urubyiruko rw'u Rwanda 5 661



Abasoje Itorero Indangamirwa basabwe kutagwa mu mutego wamahanga ngo abahindure ibikoresho

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), yagaragaje ko kuva Itorero Indangamirwa ryatangira mu myaka 15 ishize, rimaze gutororezwamo abasore n'inkumi b'Abanyarwanda 5 661.***

Minisitiri wa MINUBUMWE Dr Bizimana Jean Damascene, yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 14 Kanama 2025, ubwo hasozwaga Itorero Indangamirwa icyiciro cya 15.

Icyo cyiciro cyatorejwemo urubyiruko 443 baba mu Rwanda no mu mahanga, bakaba bari bamaze iminsi 45 batozwa ndangagaciro zo gukunda Igihugu no ku cyitangira ndetse n'amasomo y'ibanze ya gisirikare.




Minisitiri wa MINUBUMWE yavuze ko abitabiriye bose basoje Itorero Indangamirwa kandi ryagenze neza

Dr Bizimana yavuze ko kuva iryo torero Ryatangizwa mu mwaka wa 2008 rimaze gutanga umusaruro ufatika mu gufasha urubyiruko kumenya amateka y'Igihugu, kwihatira kurinda ibyagezweho no kugira indangagaciro nzima, kandi imibare yiyongere buri mwaka.

Yagize ati: "Itorero Indangamirwa ribaye ku nshuro ya 15, rikaba rimaze gutoza abasore n'inkumi 5 661. Muri uyu mwaka MINUBUMWE yavuze ko itorero ryasojwe uyu munsi rigizwe n'abakobwa 208 n'abahungu 235."

Minisitiri Bizimana ati: "Iri torero ryagenze neza cyane, ryabaye indashyikirwa nta mwana n'umwe watorotse, uretse ko gutoroka mu Ndangamirwa nta n'ibijya bibaho rwose. Bose barangije amasomo bishimye."

Izo ntore zahawe amasomo ari mu ngeri 20, yatangwaga n'inzobere zatanze ubumenyi mu byiciro bitandukanye bujyanye n'indangaciro z'umuco nyarwanda, ubumenyi bwibanze mu bya gisirikare.

Batojwe kandi imyitozo ngororamubiri bakundishwa umuco nyarwanda n'indagaciro, urimi rw'Ikinyarwanda ndetse no gutarama no guhiga.

Mu mwaka wa 2008 mu Rwanda, hatangijwe Itorero Indangamirwa ryitabirwaga n'urubyiruko rw'Abanyarwanda biga mu mahanga kugeza mu 2016.

Ni itorero ryashinzwe hagamijwe gutoza urubyiruko amateka y'ukuri y'Igihugu, indangagaciro na kirazira, icyerekezo cy'Igihugu n'uruhare rwabo mu kububakamo umuco wo gukunda Igihugu no kucyitangira.

Guhera muri 2017 buri mwaka hategurwa Itorero Indangamirwa ku bufatanye bw'inzego zitandukanye, rikitabirwa n'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18 na 25 biga mu mahanga, mu mashuri mpuzamahanga ari mu Rwanda, Indashyikirwa ku Rugerero (abarangije amashuri yisumbuye) n'abayobozi b'urubyiruko.

# U Rwanda rugiye kujya rwinjiza tiriyari 1.5Frw mu bukerarugendo buri mwaka

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma y' u Rwanda ifite gahunda yo guteza imbere urwego rw'ubukerarugendo, butangiza ibidukikije, bukazinjiriza u Rwanda arenga tiriyari 1.5 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyari 1.1 z'amadolari y'Amerika) buri mwaka, bitarenze mu 2029.***

Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva Justin yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 12 Kanama 2025, mu kiganiro yagejeje ku bagize Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi, cyagarukaga ku bikorwa bya Guverinoma hagati y'umwaka wa 2024 na 2029.

Yashimangiye ko intego yahereye kuri miliyari zisaga 902 z'Amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 620 z'amadolari ya Amerika) urwo rwego rwinjije mu 2023.

Yagize ati: "Kugira ngo tugere kuri iyo ntego, tuzakomeza guteza imbere ahantu nyaburanga hasanzwe ndetse tunubake ahandi hashya hirya no hino mu gihugu. Ibi bizakorwa hagamijwe guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku kubungabunga bidukikije."

Icyiciro cya kabiri cya gahunda y'iterambere (NST2), kizasoza mu 2029, cyateguwe mu rwego rwo kugeza igihugu hafi yo kugera ku cyerekezo 2050 aho kizaba kiri mu bihugu bikize ku Isi kandi gifite iterambere rirambye kandi rigera ku baturage bose.

Dr. Nsengiyumva yabwiye Inteko Ishinga Amategeko ko ubukerarugendo ari rumwe mu rwego ruteganyijwe kugira uruhare mu bukungu bw'Igihugu, kandi ko ibyoherezwa mu mahanga muri urwo rwego biteganyijwe kuzamuka bikikuba inshuro zirenze ebyiri bikagera ku y'asaga miliyari 10.6 Frw (miliyoni 7.3 z'amadolari y'Amerika mu 2029), avuye ku y'asaga miliyari 5 (miliyoni 3.5 z'amadolari y'Amerika) mu 2023.

Ku bufatanye n'abikorera, yavuze ko udushya tuzakomeza guhangwa mu rwego rw'ubukerarugendo.

Ati: "Imishinga y'ubukeraru-



Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe Yombi bagejejweho gahunda za Guverinoma mu myaka itanu iri imbere

KOMEZA KU RUP.9





## U Rwanda rugiye kujya rwinjiza tiriyari 1.5Frw mu bukerarugendo buri mwaka

IBIKURIKIRA URUP.8

gendo irengera ibidukikije no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima izashyigikirwa."

Mu rwego rwo gukomeza gushyira u Rwanda mu myanya y'imbere ku Isi mu kwakira Inama mpuzamahanga binyuze mu rwego rwahariwe kwakira inama n'ibikorwa by'imirukigarisha (MICE) hari gahunda zigamije gutuma u Rwanda rukomeza kwakira inama zo ku rwego rwo hejuru zirimo imurikagurisha mpuzamahanga, imikino n'imyidagaduro.

Hari gahunda kandi yo kunoza ubuziranenge bw'imitangire ya serivisi mu rwego rw'ubukerarugendo, cyane cyane ku bijyanye n'inama mpuzamahanga.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yavuze ko abakozi bo muri uru rwego bazahabwa amahugurwa n'uburyo bwo kongera ubushobozi.

Yongeyeho ko amabwiriza n'igihe ngenderwaho bizanozwa kandi ko iterambere ry'imikino rizibanda ku kubaka urwego rukomeye rwa siporo rushyigikirana n'inganda z'ubukerarugendo.

Yagize ati: "Uru rwego ruzibanda ku guteza imbere siporo guhera ku rubyiruko".

Yavuze ko ibikorwa remezo bya siporo bizongerwa hirya no hino mu mu gihugu, bikazafasha kumenya no gutoza abafite impano binyuze mu bufatanye n'abafatanyabikorwa bakomeye barimo n'abikorera.

Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere mu Rwanda (RDB) rutangaza ko u Rwanda rwinjije asaga miliyari 941 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 647 z'amadolari y'Amerika) mu bikorwa bishingiye ku bukerarugendo mu 2024, rukaba rufite intego yo kwinjiza arenga tiriyari 1Frw (miliyoni 700$) mu 2025.

# Abafite ubumuga batwara imizigo hagati ya Rubavu na Goma barashima

KAMALIZA Agnes

***Abafite ubumuga burimo ubw'ingingo no kutabona bo mu Murenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu, bibumbiye muri Koperative 'COTRRARU', itwara imizigo ku magare yambukiranya imipaka y'u Rwanda na Repubulika ya Demokarasi ya Congo (DRC) bishimira ko kuva bakwishyira hamwe byabarinze gusabibiriza.***



Abafite ubumuga bibumbiye muri koperative bishimira ko byabarinze gusabiriza

Bagaragaza ko nyuma yo kumenya ko ufite ubumuga na we yakora na bo batinyutse ubu bakaba batunze imiryango yabo, bamwe baraminuje, abandi bakaba bafite n'inzu bakodesha.

Abo banyamuryango, bikorera batwara imizigo hagati y'Umujyi wa Rubavu n'uwa Goma, bavuga ko kugira ubumuga bitavuze kugira ubunebwe cyangwa gusabiriza kuko na bo bashoboye gukora kandi biteza imbere.

Nyirandabateze Verediyana w'imyaka 48, ufite ubumuga bwo kutabona akaba amaze imyaka irenga 10 muri koperative, avuga ko yinjiza arenga ibihumbi 5 by'amafaranga y'u Rwanda ku munsi, akaba yarashoboye kwiyubakira inzu imwishyura buri kwezi.

Avuga ko bitewe n'ubumuga afite atashobora gutwara igare ariko yariguze ku buryo iyo akazi kabonetse hari abandi bamufasha kuritwara bose bakabyungukiramo.

Ati: "Naratinyutse ndakora mbasha kwiyubakira inzu kandi abana banjye bariga."

Nyirandabateze yemeza ko yaguze igare ry'ibihumbi 120 by'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2011, ariko ubu rimaze kugira agaciro k'ibihumbi 800 bitewe n'uburyo rigenda ryaguka rikabasha gutwara imizigo myinshi.

Nizeyimana Obed w'imyaka 31, avuga ko mu myaka 7 amaze akora akazi ko gutwara imizigo byamufashe kubaho n'umuryango we, akiyishyurira kaminuza ndetse akaba yaraguze na moto.

Ati: "Nasoje kaminuza mu by'ubukungu, mfite moto n'uruhushya rwo kuyitwara kandi n'abana babayeho neza kubera natinyutse nkakora."

Avuga ko mbere ubuzima bwari bugoye kubera nta kazi ariko nyuma yo kwisunga koperative byamuhumuye amaso bimwereka ko abafite ubumuga babaho badasabirije.

Perezida wa COTTRARU, Niyonzima Vedaste, avuga ko kuva koperative yashingwa mu 2011 igeze ku rwego rwo kwishingira umunyamuryango wayo ushaka gufata inguzanyo mu kigo cy'imari.

Ati: "Koperative yagiye ikura uko imyaka yagiye isimburana kandi abafite ubumuga bayirimo bibarinda gusabiriza. Ikindi umunyamuryango wacu turamwishingira iyo ashaka inguzanyo."

Avuga ko bari kubaka inzu ya koperative imaze gutangwaho miliyoni zirenga 110 z'amafaranga y'u Rwanda ndetse umugabane wazamutse ukaba ugeze kuri miliyoni hafi ebyiri.

COTRRARU igizwe n'abanyamuryango 94 bafitemo imigabane ariko yakira n'abandi batayifite.

Yatangiye ari abanyamuryango 28, ikaba igizwe n'abamugariye ku rugamba, abamugajwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse icyo gihe umugabane wari ibihumbi 18 by'amafaranga y'u Rwanda.

Ihuriro ry'Abafite Ubumuga bwo Kutabona mu Rwanda (RUB) rivuga ko kugira ubumuga atari inenge yabuza abashaka gutera imbere kuko bitewe n'ikiciro cy'ubumuga umuntu afite haba hari imirimo yashobora kandi ikamubyarira inyungu.

Mugisha Jacques, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa RUB, avuga ko hari ingero nyinshi z'abafite ubumuga bataheranwe na bwo biteje imbere kandi bonoza neza ibyo bashinzwe.

Ati: "Kugira ubumuga no ntibivuze ko umuntu atagira icyo akora bitewe n'icyiciro cy'ubumuga arimo, kuko hari benshi bakora kandi bakabaho badasabirije."

Raporo y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima igaragaza abafite ubumuga ku Isi (WHO World Report on Disability) ivuga ko hafi 16%, ni ukuvuga abarenga miliyari, bafite ubumuga.

Hafi 80% muri bo batuye mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, mu gihe abarenga miliyoni 190 ku Isi bafite ubumuga bukomeye bubangamira cyane ubuzima bwabo bwa buri munsi.

OMS igaragaza ko umubare w'abafite ubumuga ukomeje kuzamuka bitewe n'impamvu zitandukanye zirimo n'indwara z'inzaduka n'ibindi, igasaba buri gihugu gushyiraho politiki n'ingamba zituma bagira uburenganzira n'amahirwe angana mu bikorwa by'imibereho n'iterambere.

# Hafunguwe icumbi no kugenda ku migozi muri Pariki ya Nyungwe


NTAWITONDA Jean Claude

***Ku wa 12 Kanama, Ubuyobozi bw'Urwego rw'Iterambere (RDB) bufatanyije n'Ubuyobozi bucunga Pariki y'Igihugu ya Nyungwe, bafunguye ku mugaragaro ibikorwa bitatu by'ubukerarugendo muri iyo Pariki birimo kugenda ku mugozi bizwi nka 'Nyungwe Canopy Zipline', amarushanwa yo kugenda ku mugozi byitwa 'Gisakura Rope Course', ndetse n'icumbi riri muri Pariki hagati yitwa Munazi Eco Lodge.***

Ubuyobozi bw'Ikigo African Parks bwatangaje ko bwanyuzwe no gutangira ikiragano gishya cy'ubukerarugendo bubungabunga ibidukikije, buhishurira abasura Pariki bo mu gihugu n'abava hanze amahirwe mashya y'ubunararibonye batabona ahandi ku Isi bwo kugendera hejuru y'ishyamba rikungahaye ku rusobe rw'ibinyabuzima no kuricumbikamo utekanye.

Irene Murerwa, Umuyobozi Mukuru w'Ishami rishinzwe Ubukerarugendo muri RDB, yagize ati: "Mwishyuke buyobozi bucunga Pariki ya Nyungwe, ku bwo gutaha ibi bikorwa bitatu bitanga ubunararibonye bushya. Izi nyongera ziha imbaraga umwanya wa Nyungwe nk'icyerekezo kirambye cy'ubukerarugendo, no gushyigikira intego y'u Rwanda yo kuba icyerekezo cy'ubukerarugendo bubungabunga ibidukikije no gufungura amahirwe mashya ku baturage."

Umuyobozi w'Ikigo gishinzwe imicungire ya Pariki y'Igihugu ya Nyungwe cyitwa Nyungwe Management Company (NMC Ltd) Protais Niyigaba, nawe yagize ati: "Ubu bunararibonye bushya burenze kuba ibyanya bikurura abashyitsi gusa; ni urugendo rukomeye rutewe mu kurengera urusobe rw'ibinyabuzima muri Afurika. Uhereye ku munyenga wa Zipline, amarushanwa akorwa ku migozi ndetse no gucumbika muri hoteli yo muri Pariki, turararikira buri wese kudacikwa no kwibonera ibitangaza bya Nyungwe mu buryo bushya kandi buhebuje, by'umwihariko Abanyarwanda."



Muri Nyungwe hafunguwe ibikorwa birimo kugenda ku mugozi bizwi nka Nyungwe Canopy

Kuguruka hejuru y'ishyamba kuri Zipline

Zipline ni umugozi wo mu kirere ushyigikirwa n'inkingi zikomeye, uhuza imisozi ibiri iteganye, abantu bakaba bifashisha indi migozi yabugenewe bihambira ifashe n'utwuma twabugenewe tunyerera kuri wa mugozi uremba mu kirere.

Muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe, uwo munyenga ukorwa muri metero 1.935, bituma uba uwa mbere muremure ku mugabane w'Afurika. Ni ukuvuga ko umuntu agenda anyerera ku mugozi mu kirere ahantu harenga ikilometero.

Urugendo rutangirira ahitwa k'Uwinka aho abasura pariki bahera, urwo rugendo rukaba rugabanyijemo ibyiciro bitatu buri cyiciro kikaba cyariswe izina ry'igisabantu (primate) mu bimenyerewe muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe.

Iyi zipline ifasha gukora urugendo rwihariye hejuru ya pariki kandi rutekanye, aho uyiriho agenda azenguruka imisozi ndetse ari na ko yirebera ibyiza bihatatse n'urusobe rw'ibinyabuzima.

Amarushanwa yo kugenda ku migozi i Gisakura

Ni uburyo bwo kwidagadura buhererye kuri santeri y'abashyitsi ya Gisakura hafi y'amarembo y'iburengerazuba bwa Pariki y'Igihugu ya Nyungwe. Umugozi abantu bagendaho ufite uburebure bwa metero 280, akaba ari ikizamini cyo mukirere kigizwe n'uduce 21 harimo no kugenda kuri zipline inshuro eshanu.

Ni ikizamini cyubatswe mu buryo bufasha abantu bafite ubumenyi butandukanye mu birebana no gukora amagerageza ku migozi kandi bifasha umubiri n'ubwonko gukora umuntu ahuza imigozi, kwicunda, kuzamuka kuri fillets n'ibindi byinshi bifasha abantu ku giti cyabo, imiryango ndetse n'amatsinda yiremamo ibyiciro bihatana.

Buri cyiciro cy'ubu bunararibonye bushya gifasha mu kurenga imbogamizi no kurushaho kwiyumva mu miterere y'ishyamba abantu bishima ariko banarushaho kumenya ibyiza bitatse inkengero za Pariki y'Igihugu ya Nyungwe.

Icumbi Munazi Eco Lodge rifite ibyumba 20 byo kuraramo

Iryo cumbi ryiswe Munazi Lodge ni mashya rikaba ryubatswe mu buryo butangiza ibidukikije kandi ritanga umutekano usesuye ku barisura bakanariruhukiramo, cyane ko rifite ibyumba 20 bifasha ubiruhukiyemo kurushaho kuryoherwa n'umwuka mwiza wo muri Pariki azengurutswe n'urusobe rw'ibinyabuzima rutandukanye.

Iryo cumbi riherereye hafi ya Pindura mu muhanda Kigali Rusizi wambukiranya muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe. Rigizwe n'inyubako icyenda zikozwe mu buryo bubereye ijisho, harimo n'ahagenewe abayobozi kandi byose byubatswe n'ibiti byasaruwe muri Pariki kugira ngo ifashwe kongera kwiyubaka.

Buri nyubako yubatswe hejuru cyane y'ubutaka bwa Pariki, ku buryo bifasha uharuhukiye kwirebera ibyiza bihazengurutse birimo na canopy ndetse n'urusobe rw'ibinyabuzima.

Ni amacumbi yashyizwemo imitako gakondo yakozwe n'abaturage baturiye Pariki, Icumbi rya Munazi rikaba arifite umwihariko wubakiye ku ishema ry'umuco w'abaturage no kubaka ibiramba.

Abashyitsi baharara bashobora kumva abatembera n'amaguru, kureba ubuzima bw'inyamaswa zinyuranye imbonankubone harimo n'ibisabantu nk'impundu, inkende ndetse hakaba n'aho uhagarara ukareba amazi y'Ikiyaga cya Kivu mu minsi ikirere kimeze neza.

Uramutse ushaka aho waruhukira ufite umutuzo usesuye cyangwa ukeneye kuvumbura ibishya uryoherwa no kwibonera ibiremwa bitandukanye kujya kuruhukira muri Munazi byagufasha kongera iminsi yo kubaho n'ibyishimo bitazibagirana.

Pariki y'igihugu ya Nyungwe ni rimwe mu mashyamba y'inzitane y'Afurika ribarizwa kuri kilometerokare 1.019.

Iyi Pariki ifite imigezi irasukira mu nzuzi nini cyane muri Afurika nk'urwa Congo n'urwa Nil, kandi binavugwa ko ingano nini y'amazi y'u Rwanda ari ho aturuka.

Iyi Pariki kandi ibonekamo amoko y'ibyatsi n'ibiti 1.100, amoko y'inyoni 345, amoko y'inyamabere zizwi 85 n'andi menshi.





# Guverinoma yijeje gukomeza gufasha Urwego rw'Ubugenzacyaha

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Dr Ugirashebuja Emmanuel yavuze ko Guverinoma izakomeza gufasha mu gucyemura ibibazo byagaragajwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha, RIB.***

Yabigarutseho ku wa Kane tariki 14 Kanama 2025, ubwo yatangizaga ku mugaragaro inama rusange ya gatandatu y'Urwego rw'Ubugenzacyaha, ifite insanganyamatsiko igira iti 'Umuturage ku isonga: Gukora kinyamwuga dutanga ubutabera bunoze.'

IyO nama yitabiriwe n'abayobozi ba RIB ku rwego rw' igihugu, ku Ntara, ku rwego rw' Akarere n'abagenzacyaha bahagarariye abandi kuri za sitasiyo za RIB zegerejwe abaturage mu bice byose by'igihugu.

Minisitiri w'Ubutabera Dr Ugirashebuja yijeje ko Guverinoma izakomeza gukemura ibibazo by'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha birimo kubakira ubushobozi abakozi no kubaha amahugurwa.

Minisiteri y'Ubutabera ishimira Abagenzacyaha gushyira mu bikorwa ibyo igihugu cyabasabye, binatuma igihugu kigera kuri byinshi.

Ati: "Kugira ngo Igihugu kigere kuri byinshi hari ibyo gisabwa kuba gifite nk'Igihugu. Icya mbere ni umutekano kandi umutekano ntabwo wajya kubaho hari abagizi ba nabi.

Kuba mufite umuhamagaro wo kuba mugira uruhare rwanyu rutuma abagizi ba nabi badashobora gukora ibyo bishakiye mu gihugu, bituma tugera ku byihutirwa kandi bigatuma habaho umutekano. Icya kabiri ni ubutabera."

Minisitiri Dr Ugirashebuja akomeza agira ati: "Kuba ari mwe ba mbere muhura n'abaturage, ni mwe ndorerwamo ikomeye ya mbere y'urwego rw'ubutabera."

Ibyaha bigenda bihindura isura aho bigeze aho bikoreshwa n'ubwenge bukorano.

Minisitiri w'Ubutabera avuga ko ari ibyaha bisaba ko hongerwa ubumenyi mu buryo bwo kugenza ibi byaha, bitandukanye n'uburyo ibyaha byagenzwaga mu gihe gishize.

Ati: "Mu rwego rwo guhindura imikorere ni uguhora dushakisha amahugurwa agendanye n'igihe tugezemo, tukaba tubizeza yuko ayo mahugurwa tuzayabagezaho kugira ngo tugendane n'ibihe tugezemo."

Mukawera Marie Claire, Umugenzacyaha uyobora Sitasiyo ya RIB Nyarugenge, avuga ko bimwe mu bibazo bahura nabyo, ari ubwiyongere n'imiterere y'ibyaha bahura nabyo aho akorera.

Ati: "Ikibangama ni uko ibyaha bigenda byiyongera kandi bigahindura isura, uko wari ubizi umwaka ushize ntabwo ari ko byongera kuza bisa.

Ibyaha by'iki gihe rero ntabwo tubizi nk'uko byakorwaga kera ahubwo bigenda bihindura isura, ugasanga uko wabifataga kera atari uko biri uyu munsi akaba ari zo mbogamizi zonyine twagize."

Mukawera akomeza avuga ko akenshi ibibazo bagira baba babihuriyeho n'izindi nzego bityo bikaba bitajya bibananira ku bishakira ibisubizo.

Avuga ko abagenzacyaha bakeneye amahugurwa kuko n'ibyaha bikorwa bikomeje kugenda bihindura isura.

Jean Paul Habuni, Umuyobozi Mukuru wa Isange One Stop Center, avuga ko kuba hari ibyaha RIB igenza Ubushinjacyaha bugatsinda 90% bugatsindwa 10%, imbogamizi zo kutagera ku 100%, avuga ko harimo uburyo bwo gukusanya ibimenyetso.

Yagize ati: "Hari igihe ibimenyetso biba byakusanyijwe biba bidahagije ku buryo ubushinjacyaha bwatsinda 100% bitewe n'uburyo ipereza ryakozwemo, inzira zakurikijwe, uko ibimenyetso byafashwe n'uko byaherekanyijwe ugasanga bigeze mu rukiko 10% ntabwo Ubushinjacyaha bushoboye gutsinda."

Umuvugizi w'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha, Dr Thierry B Murangira, avuga ko imikoranire n'izindi nzego by'umwihariko Polisi y'Igihugu ari myiza nk'inzego zihurira ku nshingano zo gukumira ibyaha.

Yagize ati: "Imikoranire ya RIB na Polisi ni myiza cyane cyane duhurira ku nshingano yo gukumira ibyaha, tuyikorana neza ku buryo ubona ko ubwo bwuzuzanye ari bwo butanga umusaruro tubona wo kurwanya ibyaha."

Dr Murangira, Umuvugizi wa RIB, agaragaza ko RIB igenza ibyaha byose uretse ibyaha byo mu muhanda bigenzwa na Polisi nk'uko biri mu nshingano zayo.

Yagize ati: "Nta kintu izo nshingano zombi zibangamiranaho ahubwo zirushaho kuzuzanya."

Mu nama ya Gatanu iheruka, yari yagaragarijwemo imbogamizi nyinshi zishingiye ku mikoro ariko no gukomeza kwita ku bunyangamugayo nk'abagenzacyaha.

RIB ivuga ko umugenzacyaha asabwa kugira ubunyangamugayo burenze ubw'umuntu uwo ari we wese.

Ibyo ni bimwe ubuyobozi bwa RIB bwibutsa abagenzacyaha mu nteko rusange no kubagaragariza ko imyitwarire mibi itihanganirwa mu Rwego rw'Ubugenzacyaha.

Ati: "Uyu rero aba ari umwanya wo kwireba no kwisuzuma, tukareba niba ibyo twiyemeje twarabikoze, imbogamizi twahuye nazo, zigashakirwa ibisubizo kugira ngo turusheho guteza imbere urwego rwa RIB."

Iyo nama ihuza abayobozi bakuru ba RIB n'abahagarariye abandi bagenzacyaha bo mu gihugu hose bakaganira ku byagezweho, imbogamizi bahura nazo no gufata ingamba nshya kugira ngo barusheho kuzuza neza inshingano z'urwego.

RIB yabonye amanota 88.51 % mu cyegeranyo giheruka cy' Urwego rw'Igihugu rw'Imiyobore, RGB. Icyegeranyo kigaragaza icyo abaturage batekereza kuri serivisi bahabwa n'inzego zitandukanye.

Umuvugizi wa RIB, Dr Murangira, yabwiye Imvaho Nshya ko aya manota urwego rutayishimiye ahubwo birusaba gukora ibishoboka byose amanota akongerwa kandi byose ngo bisaba ukwiyemeza kw'abagenzacyaha.




Minisitiri w'Ubutabera Dr Ugirashebuja Emmanuel, yavuze ko Guverinoma izakomeza gufasha RIB gukemura ibibazo

# Nyamasheke: Urubyiruko rufite icyizere cy'iterambere

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Urubyiruko rwo mu Murenge wa Karambi n'irukikije mu Karere ka Nyamasheke ruri mu buhinzi n'ubukerarugendo, rugaragaza icyizere cy'iterambere rwiteze ku nguzanyo nshya rugiye guhabwa izaba iri ku nyungu ya 9% gusa mu mwaka.***

Bamwe muri bo basobanura ko gukorana na Sacco bibafasha kwagura imishinga yabo, mu buhinzi n'ubworozi.

Mushimiyimana Lucie w'imyaka 29, wo mu Kagari ka Gitwe, Umurenge wa Karambi, uhinga icyayi, imyumbati n'ibindi.

Avuga ko yarangije ayisumbuye muri 2019, abuze akazi ka Leta yishakamo ibisubizo.

Yagize ati: "Ninjiye mu buhinzi bw'icyayi, ubu bunyinjiriza hagati y'amafaranga 200 000 na 400 000 buri kwezi, ubw'imyumbati bunyinjiriza amafaranga 200 000 nayisaruye, imboga zinjiza arenga 100000 uko nsaruye n'ibindi bihigwa."

Akomeza avuga ko amaze imyaka 5 akorana na SACCO.

Ati: "SACCOs ubwazo ni amahirwe dukesha Perezida Kagame kuko zitaraza nta muturage wo mu cyaro wakangukiraga gukoresha amafaranga. Habanje inguzanyo ya' Tinyuka munyarwandakazi, yahabwaga abagore n'abakobwa, nguza 2 000 000 yungukaga 18%, ndayikoresha nkuramo inzu mbanamo n'umugabo wanjye n'abana 2 y'agaciro ka 5 000 000."

Yongeyeho ati: "Iyi nguzanyo y'urubyiruko 'Kataza rubyiruko' yo ubwo iri ku 9%, gusa dushyizwe igorora. Ngiye gutunganya umushinga wa resitora izajya yakira ba mukerarugendo basura icyayi, Pariki y'Igihugu ya Nyungwe n'ibindi byiza nyaburanga by'ino kuko byose mbyegereye. Bajyaga baza bakabura ahasobanutse bakirirwa ntibagaruke. Ngiye kugikemura burundu nkoresheje iriya nguzanyo."

Hafashimana Samuel w'imyaka 31, wo mu Kagari ka Gasovu muri uyu Murenge wa Karambi uri mu buhinzi bwa Kawa, icyayi, n'ibihingwa ngandurarugo, aremeza ko ubukire bwabegereye.

Ati: "Mpinga icyayi kinyinjiriza amafaranga hagati ya 100.000 na 250.000 mu kwezi, kawa zo zigiye gutangira kwera. Mfite umugore n'umwana. Ubuhinzi buramurihira kaminuza ari mu mwaka wa nyuma. Maze imyaka 5 nkorana na Karambi Vision SACCO, aya mahirwe Perezida Kagame aduhaye twayakiranye yombi."

Avuga ko agiye gukora umushinga wo kwagura ubuhinzi agafata iyo nguzanyo, umugore yarangiza kaminuza bagafatanya bakaninjira mu bworozi bufatika bw'ibimasa kuko buri mu bigize ubukungu bw'abatuye Umurenge wa Karambi.

Avuga ko ubwo ingwate yababangamiraga yakemutse, nk'urubyiruko rureba kure, rugiye kubyaza umusaruro aya mafaranga, kuko icyaburaga ari igishoro, ubwo kibonetse n'ubukire bwaje.




**Urubyiruko rwo mu Karere ka Nyamasheke rukora ubuhinzi n'ubukerarugendo rufite icyizere cyo gutera imbere**

Umucungamutungo wa Karambi Vision SACCO, Bumbali Machiavel avuga ko urubyiruko rukora ibifite aho bihuriye n'ubuhinzi n'ubukerarugendo, Leta yabatekerejeho mu rwego rwo kubazamura no kuzamura ibi bikorwa.

Ati: "Ni serivisi yihariye y'imari ku rubyiruko igiye gutangirira muri SACCOs 11 zo mu Turere 11 tw'u Rwanda, Nyamasheke irimo, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa benshi barimo Banki y'u Rwanda itsura amajyambere (BRD) yazigurije ku nyungu nto, natwe tukaruguriza ku nyungu itarenga 9% ku mwaka."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Karambi Hagenimana Narcisse, asaba urubyiruko kutazarira mu kubyaza umusaruro ayo mahirwe akomeye igihugu kiruhaye.

Ati: "Tuzabikurikiranira hafi cyane. Dufite umukozi ubifite mu nshingano hano ku Murenge, hari abafashamyumvire, ababafasha kwiga no kunoza imishinga yabo ku buryo nta rwitwazo ruhari ku rubyiruko rushaka gutera imbere."

Iyo nguzanyo irareba abafite hagati y'imyaka 16 na 35.

# Kamonyi: Abaturuka mu miryango ikennye biga imyuga bafite icyizere cy'ubuzima



**Kwiga ubudozi bimufasha kudasabiriza ibikoresho akenera mu buzima bwe bwa buri munsi**

UWIZEYIMANA Aimable

***Abiga imyuga bigenjemo urubyiruko bo mu Karere ka Kamonyi, baturuka mu miryango ikennye, biga imyuga, bavuga ko bafite icyizere cy'ubuzima nyuma yo kwiga umwuga.***

Umwe muri urwo rubyiruko ruturuka mu miryango ikennye, Umutoniwase Chance, avuga ko nyuma yo kwiga umwuga kuri ubu afite icyizere cy'ubuzima mu gihe mbere yabaraga ubukeye.

Ati: "Nakubwira ko ubu nta kibazo mfite nyuma yo kugana umwuga, nkaba mbasha kubona amafaranga nibura ibihumbi 70 ku kwezi, mu gihe mbere nk'umwana w'umukobwa ababyeyi banjye batabashaga kumbonera icyo nkeneye cyane ko no kubona ibidutunga byari ikibazo gikomeye."

Mugenzi we witwa Uwase Claudine uturuka mu muryango utishoboye muri ako Karere, kuri ubu wamaze kubona akazi mu ruganda rutunganya imyenda, avuga ko mbere iwabo babaraga ubukeye ariko kubera ko yafashije kwiga umwuga, asigaye afasha ababyeyi be kubaho na we agakemura ibibazo bye.

Ati: "Jyewe ndashimira ubuyobozi bw'Akarere bwamfashije nkiga umwuga, kuko n'ubwo ari yo nkirangiza aho nakoreye imenyerezamwuga bahise bampa akazi mu ruganda, ku buryo iwacu batakibara ubukeye kubera kubura icyo kurya kuko amafaranga asaga ibihumbi ijana mbona, abasha kumfasha kwiyitaho nkanafasha umuryango wanjye."

Umuyobozi mu Karere ka Kamonyi w'ishami rishinzwe ubucuruzi n'inganda, avuga ko urubyiruko rukwiye guhuguka ku murimo, kuko ari rwo Igihugu gitegerejeho iterambere ry'ejo hazaza.

Ati: "Muri gahunda yo gufasha imiryango itishoboye kwivana mu bukene, dufite gahunda yo gufasha urubyiruko ruyikomokamo kwiga imyuga, kugira ngo ruzabashe kwiteza imbere rufashe n'imiryango ruvukamo, narubwira ko ari ukumenya ko rukwiye guhuguka ku murimo rukishakamo ibisubizo by'iterambere, dore ko Igihugu cyacu cyiruhanze amaso ku iterambere ry'ejo hazaza."

Mu Karere ka Kamonyi, harabarurwa urubyiruko rusaga 150, ruturuka mu miryango ikennye ruri gufashwa kwiga imyuga, muri gahunda yo gufasha imiryango ikennye kwikura mu bukene, aho uru rubyiruko rufashwa kwiga imyuga mu rwego rwo kugira ngo ruzabashe kwihangira imirimo rwikure mu bukene rudasize n'imiryango ruvukamo.





# Abarundi baje i Kibeho barashima umutekano u Rwanda rugenera abaje

UWIZEYIMANA Aimable

***Tariki ya 15 Kanama buri mwaka Abakirisitu by'umwihariko bo muri Kiliziya Gatolika baturuka mu mpande zitandukanye z'Isi bateranira i Kibeho mu Karere ka Nyaruguru, bakizihiza umunsi mukuru w'ijyanwa mu Ijuru rya Bikiramariya.***

Abaturuka mu gihugu cy'u Burundi, bitabiriye uru rungendo none tariki ya 15 Kanama 2025, bavuga ko bishimira ubuyobozi bw'u Rwanda kuko buzirikana ubuzima n'umurekano muri rusange, by'umwihariko uw'abaje gusenga bagasenga ntacyo bishisha bari mu mudendezo, kuko ngo uko baje i Kibeho basenga mu mahoronanone bagataha mu mahoro.

Umwe muri bo wo mu Ntara ya Gitega, avuga ko u Rwanda ari igihugu cyiza gifite ubuyobozi bwita ku buzima bw'Abantu kugira ngo umutekano wabo udahungabana.

Ati: "Jyewe naje ku wa Mbere mbanza guca i Kigali, ndakomeza n'imodoka yamvanye i Kigali ku wa Gatatu, noneho nabonye uburyo hano twaharaye mu gitaramo, nta kiduhungabanyije, bituma nshimira Ubuyobozi bw'Igihugu cy'u Rwanda, uburyo bita ku buzima bw'abantu cyane ko twakoze urugendo nimugoroba turi kumwe n'Abayobozi."

Mugenzi we uturuka mu Ntara ya Kayanza mu Burundi, avuga ko u Rwanda ari igihugu cyiza cyane umuntu wese yakwifuza kubamo bitewe n'uburyo Abanyarwanda bakira abaje babagana.

Ati: "Jyewe natangaye cyane kugera i Kibeho nkasanga hari abantu badutegereje ngo batwifurize ikaze n'amahoro, rero icyo navuga ni uko Igihugu cy'u Rwanda, ari cyiza ndetse ntawe utakwifuza kukibamo, kuko nkanjye kuva naza nta kibazo nahuye nacyo ndetse nashimye uburyo Abayobozi baduherekeje mu isengesho tugasenga mu mudendezo muri make ndabashimira cyane."

Mugenzi wabo we uturuka mu mujyi wa Bujumbura, avuga ko afite icyifuzo cyo kuzatura mu Rwanda kuko ahakunda agakunda n'Abayobozi b'u Rwanda.

Ati: "Muri make iminsi itatu maze hano i Kibeho, nashimye ibintu byinshi birimo uko twakiriwe, uko abavandimwe, Abanyarwanda twasanze batwakiriye, uko twacungiwe umutekano dukora urugendo rwo kwizihiza Asomusiye ejo nimugoroba, mbese jyewe navuga ko mfite intumbero yo kuzibera mu Rwanda igihe kimwe kuko nkunda uburyo bafasha Abantu bakita ku buzima bwabo".

Nkuko tubisoma muri kimwe mu bitabo byanditswe kuri Kibeho cyitwa "Mary's Prophet ic Tears in Rwanda" cyanditswe na Father Casimil, kuva mu mwaka wa 1981 kugera mu mwaka wa 1989, ni bwo aha i Kibeho kuri ubu benshi mu Bakristu Gatolika bita ku butaka Butagatifu, hatangiye kubera Amabonekerwa ku bakobwa batatu, barimo Anatalie Mukamazimpaka, Marie Claire Mukangango witabye Imana na Alphonsine Mumureke. Aba bombi basigaye bo bakaba bakiriho.

Amabonekerwa ya Bikiramariya i Kibeho, yaje kwemerwa na Kiliziya Gatolika ku Isi mu mwaka wa 2001, nyuma y'imyaka irenga icumi ari gukorwaho iperereza n'Abayobozi ba Kiliziya Gatolika ku Isi.



**Ku munsi wijyanwa mu ijuru rya Bikiramariya, i Kibeho hari hakubise huzuye**

# Rutsiro: Gutanga amakuru byakumiriye kurara bicaye kubera ibisambo

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage bo mu Murenge wa Mukura,mu Karere ka Rutsiro bavuga ko basigaye baryama bagasinzira kubera ko batakirazwa ijoro n'ibisambo byitwikiraga ijoro bikajya mu mirima yabo kwiba ibitoki n'indi myaka ndetse bigatobora n'inzu.***

Aba baturage bavuga ko uwo mutekano utuma bahinga bagasarura, bigatuma bagira icyizere cyo gukomeza gukora biteza imbere, bawukesha gutanga amakuru.

Rangwida Marie Rose yagize ati: "Hano turishimira ko dusigaye dufite umutekano. Mbere nahingaga urutoki ariko ntabwo nigeraga nsarurano igitoki n'umunsi n'umwe. Cyabaga kigiye gukomera ejo nageramo ngasanga bagitwaye, ariko ubu aho hashyiriweho gahunda yo gutanga amakuru hashize nk'umwaka nsarura ku buryo natangiye kubika amafaranga, ndizigama ndetse njya no mu matsinda ku buryo mfite icyizere cy'iterambere."



**Gutanga amakuru byakumiriye ibisambo byakundaga kubiba bitoboye inzu zabo**

Karimunda Jean Pierre na we yabwiye Imvaho Nshya ko guhera mu mpera z'Ukwezi kwa Nyakanga 2024, yararaga yicaye ariko ko kugeza ubu aryama agasinzira.

Yagize ati: "Kugeza nko muri Nyakanga 2024, twararaga twicaye. Naguze Televiziyo yo kujya ndeberaho amakuru barayiba, ngura ihene 2 nazo baraziba kandi byose bigahera.

Abatuye muri uyu Murenge twari twarahagaritse gukora ibintu biduteza imbere kubera ubwoba bw'uko bazabitwara ariko ubu, aho dutangiye gutangira amakuru y'ibisambo, byaradufashije kuko n'ibyo bafashe barabifunga. Turashimira umutekano mwiza uhari ku bufatanye n'ubuyobozi bwacu".

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mukura, Ndayambaje Emmanuel avuga ko isoko yabyo ari ugukorana n'abaturage, aho muri uwo Murenge hashyizweho ingamba zo gukorana n'abaturage mu gutanga amakuru ku bisambo bizwi no ku bo bakeka ko ari ibisambo, hanyuma bagashyikirizwa inzego z'umutekano byagaragara ko ari abere bagataha ariko uwo bigaragaye ko yiba agahanwa.

Yagize ati: "Ni byo koko kugira ngo ikibazo cy'ibisambo byibaga abaturage bakarara bicaye kigabanyuke ku rwego abaturage bacu bishimira, ni uko twafatanyije, aho mu Nteko z'abaturage basabwaga gutanga amakuru cyangwa se bakayaha inzego zibegereye na zo zikayageza ku babishinzwe hagakorwa igenzurwa kuri bo,"

Yagaragaje ko mu bo baba batangiye amakuru, hari n'abagerayo bakiyemerera ko bari basanzwe ari ibisambo, agashimira abaturage.

Ati: "Hari ubwo bamwe biyemerera ko ari ibisambo bakabihanirwa bivuye mu makuru yatanzwe nabo baturage. Turabashimira kandi dukomeje gukorana nabo kugira ngo bakomeze kugira amahoro n'umutekano babone uko biteza imbere."

# Burera: Polisi iraburira abishora mu biyobyabwenge

NGABOYABAHIZI Protais

***Polisi y'Igihugu mu Ntara y'Amajyaruguru iraburira abantu bishora mu gutunda, gucuruza no gukwirakwiza ibiyobyabwenge birimo kanyanga n'urumogi, ko itazabirebera, ikabasaba gukura amaboko mu mifuka bagakora ibibateza imbere bitabangamira amategeko.***

*Ni nyuma y'aho mu rukerera rwo ku wa 16 Kanama 2025, Polisi ikorera mu Karere ka Burera yafashe abasore icyenda bari bikoreye litiro 1800 za kanyanga n'urumogi rupima ibilo bitanu. Byabereye mu Murenge wa Kivuye, Akagari ka Murwa, Umudugudu wa Muhambo.*

Polisi ivuga ko abo bagabo bafashwe mu bikorwa bisanzwe byo gucunga umutekano.

Umwe mu baturage bo mu Murenge wa Kivuye yagize ati: "Aba basore twe turabazi ni abarembetsi, birirwa mu bikorwa byo gukwirakwiza ibiyobyabwenge aho kujya gushaka akazi. Ni abarembetsi banga gukora bagahitamo inzira mbi yo gucuruza kanyanga n'urumogi. Ibi bintu biratubabaza kuko byangiza urubyiruko rwacu."

Undi muturage na we yongeyeho ati: "Twifuza ko ibi bikorwa bicika burundu. Uko bafashwe, natwe bitwongerera icyizere ko ubuzima bw'abana bacu bugiye kurindwa ibiyobyabwenge, aba basore rero bava mu duce tunyuranye twa Burera na Gakenke n'ahandi, Leta ibigisha buri munsi igaragaza ibibi byabyo ariko banze guhinduka."

Polisi y'u Rwanda ikorera mu Ntara y'Amajyaruguru na yo yemeza muri icyo gikorwa, abo basore 9 bafashwe bava gutunda kanyanga n'urumogi muri Uganda. Nk'uko IP Ignace Ngirabakunzi, Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru, yabibwiye Imvaho Nshya.

Yagize ati: "Ni byo koko hafashwe abasore icyenda bari bikoreye litiro 1800 za kanyanga n'urumogi rupima ibilo 5. Turashimira abaturage baduha amakuru kuko ari yo afasha inzego z'umutekano gukora akazi neza."

IP Ngirabakunzi akomeza avuga ko Polisi y'u Rwanda isaba abaturage gukomeza kuba maso no kwirinda kujya mu bikorwa nk'ibi bitesha agaciro Igihugu.

Yagize ati: "Gucuruza cyangwa gutunda ibiyobyabwenge byangiza ubuzima, bitera ubukene mu miryango, gusenyuka kw'ingo ndetse no gufungwa kuri bamwe, ikindi bitera ubukene bukabije cyane ku bashoramo amafaranga, kandi batiyibagije ko nafatwa atanga amande, ashobora kuva mu mitungo ye rero ugasanga asazanye ubutindi."

Kugeza ubu abo basore uko ari 9 bafungiwe kuri Sitatiyo ya Polisi ya Bungwe kugira ngo bashyikirizwe inzego bireba harimo RIB bahanwe hakurikije amategeko.

Ingingo ya 263 mu gitabo cy'amategeko ahana y'u Rwanda ivuga ko uretse kwifashisha ibiyobyabwenge mu buvuzi cyangwa mu bushakashatsi byemewe n'amategeko, umuntu wese ufashwe atunze, atunda, cyangwa acuruza ibiyobyabwenge, ahanishwa igifungo kuva ku myaka 20 kugeza ku gihano cy'igifungo cya burundu, ndetse n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni 20 kugeza kuri miliyoni 30.

Abaturage barasabwa gukomeza gutangira amakuru ku gihe, mu gihe Polisi isaba urubyiruko guhitamo inzira z'akazi kazima aho kwishora mu bikorwa bibakururira igihombo n'ubuzima bubi.



Abasore 9 bafashwe mu rukerera bikoreye kanyanga



Ibyumba byamashuri byubatse bigiye kujya byakira abana binshuke

# Kamonyi: Bubakiwe ishuri ry'inshuke baruhuka urugendo

UWIZEYIMANA Aimable

***Abatuye mu Murenge wa Rugalika mu Karere ka Kamonyi, bavuga ko irerero bubakiwe, rigiye gukemura ikibazo cyo kuba abana baburaga aho biga, kuko byabasabaga gukorana urugendo rw'amasaha abiri bakajyana n'abanyeshuri biga mu mashuri abanza.***

Izere Marie Ange ni umwe mu babyeyi batuye mu Kagali ka Kigese, avuga ko kubakwirwa irerero bigiye gukemura ikibazo cy'abana birirwaga mu ngo batiga.

Ati: "Kubera urugendo rw'amasaha abiri abana bato bakoraga kugira ngo bagere ahari irerero byatumaga benshi batabasha kwiga, ku buryo ibi byumba by'amashuri by'iri rerero bigiye gukemura icyo kibazo mu buryo burambye."

Mugenzi we Bizimana Antoine, na we avuga ko nk'ababyeyi byabagoraga kujyana abana mu irerero, kubera ko hari kure bisaba amasaha abiri bityo hakaba hari na bamwe mu babyeyi bahitagamo kubarekera mu miryango.

Ati: "Nakubwira ko hano mu Kagali kacu tubonye igisubizo ku bana baburaga uko bajya kwiga, ku buryo nta mubyeyi hano iwacu uzongera kugira ikibazo cyo kubura uko ajyana umwana mu irerero, muri make nyuma yo kubakirwa, tugiye guharanira ko nta mwana uzongera kwirirwa mu rugo."

Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Uwiringira Marie Josee, avuga ko abana baherereye ahubatswe irerero koko bari bafite ikibazo cyo kubura uko biga, ku buryo hari na gahunda yo kuzahashyira ishuri ribanza.

Ati: "Ni byo ririya rerero rije ari igisubizo ku bana baburaga aho biga rimwe na rimwe byatumaga n'ababyeyi babagumana mu rugo nyamara bagombye gutangira kwiga bakiri bato. Rero usibye ririya rerero, ubu dufite na gahunda yo kuba twahashyira ishuri ribanza, kuko abanyeshuri ba hariya baracyakora urugendo rurerure."

Kuri ubu mu Karere ka Kamonyi, habarurwa amarerero (ECDs) arenga 400, aho afasha abana bakiri bato kwiga nkuko biri muri gahunda ya Leta iteganya ko umwana wese ugejeje ku myaka itatu, agomba kugana ishuri agatozwa kwiga akiri muto, ibituma ubuyobozi bw'Akarere ka Kamonyi buvuga ko gahunda ihari ari iyo gukomeza kubaka amarerero ndetse n'amashuri, mu rwego rwo gufasha abana kwiga hafi.

Iryo rerero ryuzuye ritwaye miliyoni 75 z'amafaranga y'u Rwanda.





# Rusizi: Umuhanda wabangamiraga abivuriza i Shagasha watangiye gukorwa



Ikorwa ryuyu muhanda ryitezweho koroshya ingendo

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Umuhanda Badive- Shagasha w'ibilometero 4 na metero 230 wari imbogamizi ku bagana ikigo nderabuzima cya Shagasha, umurenge wa Gihundwe mu Karere ka Rusizi watangiye gukorwa ngo ushyirwemo kaburimbo biteganyijwe ko uyu mwaka uzarangira kaburimbo ishyizwemo.***

Bakomeje gusaba ko uyu muhanda wakorwa, umuyobozi wese ubasuye bakaba ari cyo bamwakiriza, kuko utari ukoze bigatuma ababyeyi batwite, abarwayi bagorwa no kugera ku kigo nderabuzima, Leta yumva ubusabe bwabo, none watangiye gukorwa.

Bucyana Epayineti w'imyaka 74 utuye mu Mudugudu wa Bisanganira, Akagari ka Shagasha yagize ati: "Twari twagize amahirwe duhabwa ikigo nderabuzima ariko uyu muhanda uba ingorabahizi ku buryo twabonaga n'ubundi gisa n'aho ntacyo kitumariye kubera umuhanda mubi wakigeragaho.

Ubu watangiye gukorwa, bashyizemo laterite, imbangukiragutabara irahagera haba mu zuba haba mu mvura nta kibazo tugifite cyo kwivuza. Dutegereje gusa ko kaburimbo."

Mukandinda Euphrasie na we ati: "Utashima Kagame ni utazi uburyo twahangayikaga. Nafashwe n'inda ku mugoroba ngeze ku kigo nderabuzima bambwira ko bagiye kunyohereza mu bitaro bya Gihundwe kandi imvura yari yose. Banshyize mu ngobyi bashyiraho imitaka biba iby'ubusa imvura ikanga ikangeraho, mfite impungenge ko hagira unyerera bakankubita hasi."

Yunzemo ati: "Nagejejwe kuri kaburimbo aho imbangukiragutabara yari iri umutima wenda kumvamo, bituma mbyara umwana unaniwe cyane, natekerezaga gutwita nkumva umutima uvuye mu gitereko. Ubu nta bwoba mfite."

Umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Shagasha, Nyiramugisha Chantal na we avuga ko afite ishimwe rikomeye kuri Perezida Kagame nyuma yo kubona impinduka ku bagana iri vuriro aho uyu muhanda utangiriye gukorwa.

Ati: "Ubu ingobyi narayijishe kuko natwe aha ku kigo nderabuzima twagiraga ingobyi ihoraho twakwifashisha n'abahetsi twakwitabaza bikomeye. Ubu aho umuhanda ugeze ukorwa imbangukiragutabara iragera hano igatwara umurwayi nta kibazo.

Ikindi kibazo cyakemutse ni icyo kwikorera imiti kumutwe, twayikorera isaha yose mu mvura cyangwa ihise mu muhanda mubi nk'uwo ngo uvuge ko yose izakugeraho yuzuye cyangwa ari mizima."

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habimana Alfred, agaragaza ko ikorwa ryawo rizakemura byinshi, harimo kibazo cy'abaturage bivurizaga ku kigo nderabuzima cya Shagasha, ukazanafasha mu mihahiranire.

Ati: "Watangiye kubakwa muri Mata uyu mwaka, biteganyijwe ko mu Kuboza uzaba wuzuye. Imirimo iragenda neza nta kibazo, umaze guha akazi urubyiruko ururenga 200, ukazanatuma agace ka Shagasha gaturwa neza, abashoramari bakahayoboka."

Urubakwa ku bufatanye bw'Akarere ka Rusizi, LODA mu mishinga iterwa inkunga na Banki y'Isi mu rwego rwo guteza imbere ibikorwa remezo by'imijyi yunganira Kigali.

Uwo muhanda uzuzura utwaye arenga miliyari 4 z'amafaranga y'u Rwanda.

Asaba abaturage kuwakira neza no kuwubungabunga kuko ari igikorwa remezo gikomeye cyane, kizanye impinduka zikomeye mu buzima, ubukungu n'imibereho myiza.


UWIZEYIMANA Aimable

# Gisagara: Abatuye mu Kagari ka Nyabitare ntibazongera gusaba serivisi banyagirwa

***Abaturage b'Akagari ka Nyabitare mu Murenge wa Gishubi bavuga ko kuri ubu bakize ingorane bahuraga na zo harimo kunyagirwa bagiye gusaba serivisi ku biro by'Akagali, nyuma yo kuba barabonye biro bishya by'Akagari bifite n'ubwugamo.***

Niyonsaba Alphonse wo muri ako Kagali, avuga ko kujya gusaba serivisi batarakwakira ukabura aho wugama imvura cyangwa izuba byabaye amateka iwabo.

Ati: "Tutarubakirwa biriya biro bishya by'Akagali kacu ka Nyabitare, wasangaga tugorwa no gusaba serivisi mu gihe cy'imvura cyangwa ku zuba kuko twaburaga aho twugama, gusa bikaba bitandukanye no kuba kuri ubu dusigaye dusaba serivisi twisanzuye nta kwikanga ngo simbona aho nugama izuba, muri make nta kibazo cy'imvura cyangwa izuba tuzongera guhura nacyo."




Inyubako nshya yibiro byAkagali ka Nyabitare irinze abaturage kunyagirwa iyo bahaje gusaba serivisi

Mugenzi we Mukandori Rosine, avuga ko kubona ibiro bishya by'Akagali kabo ari igisubizo kirambye ku mitangire ya serivisi inoze kuko ntiwakwishimira guhabwa serivisi unyagirwa.

Ati: "Ni byo rwose ubu turishimye kuko mbere twahabwaga serivisi tutisanzuye kubera ko iyo imvura yagwaga wasangaga, tubura aho twugama kubera ibiro by'Akagali byari bishaje, ku buryo kuba dufite ibiro byiza ari igisubizo kirambye ku mitangire imyiza ya serivisi cyane ko tutishimiraga guhabwa serivisi tunyagirwa twabuze aho twugama."

Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu,Habineza Jean Paul avuga ko gahunda ubuyobozi bw'Akarere bufite ari iyo kugenda buvugurura inyubako zitangirwamo serivisi mu rwego rwo gufasha abaturage guhabwa serivisi nziza kandi itangiwe ahantu heza atanyagirwa.

Ati: "Ni byo koko bariya baturage bo mu Kagali ka Nyabitare nta biro by'Akagali bagiraga kuko wasangaga guhabwa serivisI neza bigorana, baburaga aho banugama izuba cyangwa imvura. Rero nk'uko twabikoze muri kariya Kagali bakabona ibiro byiza, n'ubundi dufite gahunda yo gukomeza kuvugurura inyubako zitangirwamo serivisi, hagamijwe ko umuturage abona serivisi nziza ku gihe kandi akayihererwa ahantu heza atekanye".

Ibiro bishya by'Akagali ka Nyabitare, bikaba byuzuye bitwaye amafaranga asaga miliyoni 19 z'amafaranga y'u Rwanda, ndetse aho byari ngombwa abatuye ako Kagali, bakaba barakoraga umuganda mu rwego rwo gufatanya n'ubuyobozi gushakira umuti urambye ikibazo bari bafite cyo guhabwa serivisi banyagirwa n'imvura cyangwa bicwa n'izuba.

# Nyagatare: Abamotari bashumbushije uwarokotse Jenoside watemewe inka

HITIMANA Servand

***Karigirwa Kandinda, umuturage wo mu Murenge wa Mimuri, Akarere ka Nyagatare, uherutse gutemerwa inka n'abagizi ba nabi, yashumbushijwe indi nka n'abamotari bakorera mu Karere ka Nyagatare.***

Inka y'uyu mubyeyi warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yari yayorojwe n'Ibitaro bya Gatunda mu kwezi kwa Gicurasi 2025, mj gih cy'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Avuga ko yashavujwe cyane no gusanga umugizi wa nabi yayisanze mu kiraro akayitema, mu ijoro rishyira ku wa 7 Kanama 2025.

Muri iryo joro Karigirwa yumvise abantu bari mu kiraro cy'inka ye abanza kugira ngo ni yo yaba yaciye, ariko arebye



Abamotari bahaye inka Karigirwa Kandida yongera kugira icyizere cyo korora

asanga itara ry'aho icyo kiraro kiri ryakuwemo ahita amenya ko yaba yatewe atabaza abaturanyi basanga inka ye yatemaguwe.

Kuri uyu wa Kane tariki ya 14 Kabama, ubwo yongeraga kugabirwa n'abakora umwuga wo gutwara moto mu Karere Ka Nyagatare yavuze ko bitumye yongera gukomera.

Yagize ati: "Nababajwe cyane no kubona hari abantu bagifite urwango batifuzaga ko nagira igicaniro. Byanteye guhagarika umutima nterwa agahinda no kubona inka ibabazwa n'ibikomere yatemwe amaguru n'ahandi. Nyuma yo gushumbushwa ndumva umutima wanjye worohewe binyereka ko nubwo hari abimitse urwango ariko hari n'abashyira imbere ineza."

Akomeza ashimira abagize umutimwa wo kumushumbusha, akaba yongeye kugira icyizere cyo korora nk'uko yari amaze amezi make ashimishijwe no kugabirwa n'ibitaro akorora.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyagatare ushinzwe imibereho myiza Murekatete Juliette, na we yahumurije uyu muturage, anagaya abakora ibikorwa bigaragaramo ingengabitekerezo ya Jenoside.

Yaboneyeho gushimira abumvise ibyabaye kuri uyu mukecuru bagashaka ubushobozi bakaba bamushumbushije.

Ati: "Turahumuriza uyu muturage wacu kuko gutemerwa inka kuriya byaramukomerekeje, ariko ubuyobozi buzakora ibishoboka byose kugira ngo abantu bagifite umutima wa kinyamaswa batahurwe kandi n'ibihano birabategereje."

Yakomeje yihaniza abagifite ingengabitekerezo ya Jenoside, abamenyesha ko bazahanirwa ibyaha bakora, aboneraho kubasaba kwihana inzira zikigendwa.

Yasabye uruhare rwa buri wese kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'igisa na yo cyose, avuga ko abagize uruhare mu gutema inka y'uriya mubyeyi bazabiryozwa.

Kugeza ubu umwe mu bakekwaho gutema inka uyu muturage yahawe mu kwezi kwa Gicurasi uyu mwaka yamaze gutabwa muri yombi, akaba avugwaho kuba yari amaze igihe gito amunenyesheje ko azamwihimuraho kuko yatanze amakuru ku bijura akora.

# Nyaruguru: Barashima ko kwandikisha abana mu bitabo by'irangamimerere byorohejwe

UWIZEYIMANA Aimable

***Abaturage bo mu Karere ka Nyaruguru bashima ko kuzuza neza ibijyanye n'irangamimerere, bandikisha abana byorohejwe kuko bisigaye bikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, bikaba bitagitinda.***

Bashima serivisi z'irangamimere ko zihuta, ariko bagasaba ko n'ijyanye n'indangamuntu nayo yakihutishwa.

Mukeshimana Clementine wo mu Murenge wa Muganza muri aka Karere ka Nyaruguru, avuga ko nubwo ashima uburyo Leta yoroheje serivisi zo kwandikisha abana bakaba batagikora urugendo, yifuza ko na serivisi z'irangamuntu zajya zihuta.

Ati: "Jyewe rwose ndashimira Leta uburyo yadufashije tukaba tutagikora ingendo tujya kwandikisha abana ku Murenge kuko basigaye badufashiriza kwa muganga, gusa na none ndifuza ko ku kijyanye na serivisi zo kubona irangamuntu byashyirwamo imbaraga bikihuta, kuko uwayikoshoje usanga hari igihe bamara umwaka zitaraza".

Niyibikora Landuard, we avuga ko byinshi mu mitangire ya serivisi byanogejwe ariko ikijyanye na serivisi z'irangamuntu zikwiye kujya zihuta umuntu akayibona vuba.

Ati: "Rwose ku kijyanye no kubona irangamuntu nifuza ko byanozwa kuko n'ubu mfite mugenzi wanjye umaze imyaka irenga ibiri yaragiye gukosoza irangamuntu yari yanditse nabi ariko ntabwo iragera ku Murenge. Naho ahandi ho serivisI zisigaye zihuta kuko no kwandukuza umuntu wapfuye ntaBWo bikigora nkuko mbere wasiragiraga ku biryo by'Umurenge."

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu Kayisire Marie Solange, avuga ko serivisi nyinshi zijyanye n'irangamimerere kuri ubu byoroshye kuzibona ku buryo ntawe ukwiye kubaho atandikisha umwana wavutse cyangwa ngo yandukuze uwapfuye.

Ati: "Kuri ubu ntawe ugikora urugendo ajya kwandikisha umwana wavutse cyangwa ngo akore urugendo ajya kwandukuza uwapfuye, kuko byinshi bisigaye bikorerwa ku ikoranabuhanga, ku buryo nifuza ko buri mubyeyi wese yumva ko kwandikisha umwana ari inshingano ze kandi ari ngombwa ntihabeho umwana utanditse."

Akomeza yizeza ko na serivisi zizagenda zinozwa cyane cyane bigakorwa hagamijwe korohereza Abanyarwanda kubona serivisi.

Ati: "Ikindi nabizeza ni uko aho serivise zitaranozwa mu bijyanye no kwihuta bizakomeza kunozwa cyane cyane hakoreshwa ikoranabuhanga mu kuzinoza."

Akarere ka Nyaruguru nkuko bigaragazwa n'icyegeranyo cyakozwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere RGB cy'umwaka wa 2024/2025, ni ko Karere kaza ku mwanya wa mbere mu mitangire ya serivisi mu Turere 30 tw'Igihugu n'amanota 96,2%.



Umunyamabanga wa Leta akurikira igikorwa aho abaturage bari gusaba serivisi zirangamimerere







## ITANGAZO RY'ISOKO

MINEDUC
INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
ES MARIE ADELAIDE

Tel 0785056736/0785742860

ISOKO RYO KUDODA NO KUGEMURA IMYAMBARO Y'ABANYESHURI MURI ES MARIE ADELAIDE MU MWAKA W'AMASHURI WA 2025- 2026

ITANGAZO

Ubuyobozi bw'ishuri rya **ES MARIE ADELAIDE** riri mu murenge wa Runda mu karere ka Kamonyi, bufatanije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko bunejejwe no kumenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ryo kudoda no kugemura imyambaro y'abanyeshuri.

Inyandiko ikubiyemo ibisobanuro birambuye kuri iryo soko iboneka ku cyicaro cy'ishuri guhera ku wa gatatu tariki ya 13/ 08/2025 mu masaha y'akazi , hamaze kwishyurwa amafaranga igihumbi na magana atanu(1500frw) ashyirwa kuri konti n° 403289900411 iri muri Banki y'abaturage (BPR). Ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi basabwe kuzaba bagejeje ibiciro byabo mu bunyamabanga bw'ishuri mu mabaruwa afunze neza kuwa kane tariki ya 21/08/2025 saa yine za mu gitondo. Amabaruwa azafungurwa ku mugaragaro uwo munsi saa yine n'igice za mu gitondo.

Uwakenera ibindi bisobanuro yahamagara kuri telefoni n° 0785056736 cyangwa 0785742860.

Bikorewe i Runda kuwa 13/ 08/ 2025

Sr NYIRANSABIMANA Godeberthe
Umuyobozi w'ishuri rya ES MARIE ADELAIDE

1

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'URWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA MUHANGA

UMURENGE WA CYEZA

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO N° 01 / CYEZA / 2025-2026 RYO KUGEMURA IBIKORESHO BYO KUBAKA INZU Z'ABATISHOBOYE MU MURENGE WA CYEZA

Ubuyobozi bw'umurenge wa Cyeza burahamagarira ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi gupiganira **isoko ryo kugemura ibikoresho byo kubaka inzu z'abatishoboye mu Murenge wa cyeza.** Abifuza gupiganira iryo soko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa mu bunyamabanga rusange bw'umurenge wa Cyeza guhera ku wa gatatu tariki ya 13/08/2025 bamaze kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu **[5000frw]** adasubizwa kuri konti y'imisoro y'Akarere ka Muhanga **n° 00040-00636210-20** iri muri Banki ya Kigali [BK] Cyangwa kuri konti y'imisoro y'Akarere **n° 441380613710194** iri muri Banki y'abaturage y'u Rwanda [BPR]. Amabaruwa afunze neza arimo ibiciro yanditseho inyito y'isoko agomba kuba yagejejwe mu bunyamabanga bw'umurenge wa Cyeza bitarenze kuwa mbere tariki ya **25/08/2025** saa yine za mu gitondo**[10h00]**; Gufungura amabaruwa mu ruhame bizakorwa kuri uwo munsi saa yine n'igice **[10h30]** mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Cyeza.

**Bikorewe I Cyeza kuwa 11/08/2025**

MUSABWA Aimable

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Cyeza.

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

UMURENGE WA GISOZI

Ubuyobozi bw'Umurenge wa GISOZI buramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga Isoko mu gihe cy'umwaka ku buryo bukurikira :

| Nimero y'isoko | Izina ry'isoko | Igihe ntarengwa cyo gutanga amabaruwa | Igihe cyo gufungura amabaruwa | Aho amafaranga azaturuka |
|---|---|---|---|---|
| TN01/GIS/2025-2026 | Isoko ryo kugemura ifu y'igikoma mu marerero (ECDs) ashamikiye kuri VUP | 2/9/2025 Saa yine za mugitondo (10h00) | 2/9/2025 Saa yine n'iminota cumi n'itanu za mugitondo (10h15) | Umurenge wa GISOZI |

Abifuza gupiganira aya masoko bazabona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera ku itariki ya **13/08/2025** mu biro by'Ubunyamabanga rusange bw'Umurenge wa GISOZI nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi **(10000FWR)** adasubizwa kuri konti y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro **(RRA).**

Amabahasha afunze neza arimo ibiciro byanditse n'imashini bigizwe n'inyandiko y'umwimerere imwe (1) n'amakopi abiri (2) agomba kuba yageze ku biro by'Umurenge wa GISOZI bitarenze tariki ya **2/9/2025 saa yine za mugitondo (10h00).** Gufungura amabahasha bizakorerwa mu ruhame uwo munsi **saa yine n'iminota cumi n'itanu (10h15)** muri salle y'Umurenge wa Gisozi

**Bikorewe i GISOZI ku wa 13/08/2025.**

**INGABIRE Olive**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'agateganyo w'Umurenge wa GISOZI.**

Umurenge wa Gisozi | Email: gisozisector@gasabo.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA AMASOKO**
**INTARA Y'UBURENGERA ZUBA**
**AKARERE KA RUSIZI**
**UMURENGE WA BUGARAMA**

Ubuyobozi bwa **GS KIBANGIRA , GS PERA ,GS SAINT PAUL MUKO , EP RYANKANA NA EP MIHABURA** bufatanije na komite y'akanama ka masoko muri ayo ma shuri buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushoboziko bifuza gutanga amasoko akurikira:

1. Isoko ry'inkwi zo gucana
2. :isoko Ryo gukemura ibikoresho byo mubiro,iby'isuku niby'abarimu,
3. Ibikoresho by'ubyubatsi
4. Ibiribwa bimwe na bimwe(murabisanga muri Dawo ya buri shuri)

Abifuza isoko bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

(a) Ibaruwa isinywe n'upiganira isoko ikubiyemo igiciro.
(b) Icyemezo cy'ubucuruzi upiganwa akoreraho
(c) Icyemezo cy'uko utabereyemo umwenda RRA
(d) Kubayiteguye guhita agemura ibyo yatsindiye hakurikijwe Bonde commende yahabwa n'ubuyobozi bw'ishuri.
(e) Kuba atanga facture ya EBM

Dosiye zisaba isoko zifunze neza kandi zigaragaza ibiciro,zigomba kuba zageze mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze kuwa**27/08/2025** saa**10h00** za mugitondo aho zizahita zifungurwa ku mugaragaro saa tanu 11H00 kugira ngo zisesengurwe n'abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko mu kigo,hanyuma hanatanganzwe abatsindiye isoko.
Igitabo gikubiyemo amabwiriza (DAO) kiboneka mu bunyamabanga bwa buri ishuri kuva kuwa**07/08/2025** kugera kuwa**26/08/2025** mumasaha y'akazi
Hagaragajwe bordereau yishyuriweho amafaranga ibihumbi**(10,000frw)** adasubizwa yishyuwe kuri conte ya RPPA unyuze kuriyo link .
**https://nonfiscal.rra.gov.rw/citizenrecieptGeneration?**
**Upiganwa ahitamo ikigo ashaka gukorana nacyo n'isoko ashaka**
-Ukeneye ibindi bisobanuro yabariza kuri nomero za telephone zikurikira:
1. Abayobozi **:0783478182GS KIBANGIRA, 0788665945 GS PERA, 0788607545 EP RYANKANA,0788722002 GS SAINT PAUL MUKO, EP MIHABURA 0782744308**

**Bikorewe;Bugarama,kuwa03/08/2025**

**1. Rev.NIYIMPAGARITSE Callixte**
**Umuyobozi wa GS KIBANGIRA**

**2 . NDAGIJIMANA Japhet**
**UMUYOBOZI WA GS PERA**

**3.Father UWINGABIRE Emmanuel**
**UMUYOBOZI WA GS SAINT PAUL MUKO**

**4. Rev.HABAGUHIRWA Anastase**
**Umuyobozi wa EP RYANKANA**

**5. Past, NIHINYURWA Benjamin**
**Umuyobozi wa EP MIHABURA**

# MoYA yibukije Tonzi ko igitabo asohoye ari intangiriro y'izindi nshingano



Tonzi yakanguriye Abahanzi kudacibwa intege nibibagora ahubwo bakwitabaza Minisiteri ifite ubuhanzi mu nshingano

MUTETERAZINA Shifah

***Ubuyobozi bwa Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi (MoYA) yibukije Tonzi ko kwandika no gushyira ahagaragara igitabo bidahagije ahubwo atangiye urundi rugendo rw'ubuhanzi bamwizeza ko bazamuhora hafi.***

Ni bimwe MU byagarutsweho mu gitaramo uwo muhanzi yamurikiyeMo igitabo amaze imyaka igera muri 13 yandika ibyo avuga ko yagishingiye ku buzima bwe mu rwego rwo gutanga umusanzu mu kurwanya guheranwa n'ibibazo byo mu mutwe.

Mu ijambo rye, Umunyamabanga Uhoraho muri iyo Minisiteri, Ngabo Brave yashimiye Tonzi, avuga ko ari intwari, amusaba gukomeza kuko kwandika igitabo no kugishyira ku isoko bidahagije.

Ati: "Turishimye cyane ku bw'iki gitabo. Icya mbere nka Minisiteri y'Irubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi ni ukugushimira ko wateye iyi ntambwe, ni igikorwa wakoze gikomeye cyo kudusangiza ibyo waciyemo ubinyujije mu gitabo, kuko ubu hari undi urimo guca mu bisa n'ibyo waciyemo gishobora gufasha kikamubera urumuri."

Yongeyeho ati: "Maze rero iki kivi uteruye utekereza ko gikomeye ntabwo kirangiye, Mama Mariya Yohana, yasabye ko cyajya mu Kinyarwanda, hari abumva izindi ndimi ariko wagikoramo na filime mbarankuru. Ni inshingano nyinshi cyane ufunguye tuzakomeza kukwishyuza mu bahanzi, mu izina rya Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi bantumye ngo ngushimire cyane kandi turi kumwe, tuzakomeza dufatanye kandi ngo iki kivi ugikomeze ariko nturi wenyine."



Umuhanzi Mariya Yohana yasabye ko igitabo cyazashyirwa mu Kinyarwanda

Tonzi yashimiye MoYA, ahamagarira abahanzi kutemera guhemukirwa ngo baceceke abasaba kujya bagana Minisiteri ikabafasha.

Yagize ati: "Ndashimira Minisiteri idufite mu nshingano nk'abahanzi, hari ubwo uba ushaka gukora ikintu ariko ugahura n'imbogamizi ugaheranwa. Bihemu ntazagukure mu nzira ngo ayijyemo umwemerere. Muri uru rugendo rwo kwandika nahuye n'abatekamutwe benshi."

[...] Kumenya ahantu ukomanga ukavuga ko umuntu yaguhemukiye biba bigoye, Minisiteri idushinzwe nk'abahanzi bambaye hafi, bangira inama. Iki gitabo bagifitemo uruhare rukomeye, bahanzi niba waracitse intege kubera ba bihemu jyayo wicika intege, dufite Minisiteri zitwumva kandi zikora, wikwemera guheranwa ngo ubure itaranto yawe."

Tonzi avuga ko yagannye Minisiteri y'Urubyiruko n'ItUrambere ry'ubuhanzi amaze kuribwa amafaranga menshi n'uwari wamusezeranyije gucapa igitabo cye, nyuma akamuburira irengero, akegera Minisiteri ikamwereka uko abigenza ikibazo cye kigakemuka kugeza ubwo bamurangiye aho agicapisha hizewe.

Ni igitaramo cyitabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Minisitiri wa Siporo Nelly Mukazayire n'abandi bahanzi barimo Gaby Kamanzi, Mariya Yohana, Maman Eminante wakanyujijeho mu kuyobora ibitaramo, Tidjara Kabendera n'abandi.



Minisitiri Nelly Mukazayire ari mu bitabiriye igitaramo cya Tonzi



Umunyamabanga Uhoraho muri iyo Minisiteri, Ngabo Brave yashimiye Tonzi, anamubwira ko atangiye urundi rugendo





# Young Africans SC yatsinze Rayon Sports ku munsi wayo yegukana igikombe (Amafoto)

SHEMA Ivan

***Ku Munsi wayo w'Igikundiro, Rayon Sports yatsinzwe na Young Africans SC yo muri Tanzania ibitego 3-1 mu mukino wa gishuti wabereye kuri Stade Amahoro, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 15 Kanama 2025.***

Ni umukino wari witabiriwe n'abafana benshi, ni wo wasoje ibirori bya Rayon Sports Day yaranzwe na byinshi bitandukanye birimo kwerekana abakinnyi Gikundiro izakoresha mu mwaka w'imikino mushya wa 2025/26.

Rayon sports yari imbere y'abakunzi bayo yatangiye neza umukino bidatsinze ku munota wa mbere yabonye igitego cyatsinzwe na Aziz Andambwile washatse guha umupira umunyezamu we ntiyawushyikira ukaruhukira mu rushundura.

Nyuma yo gutsindwa igitego, Young Africans SC yinjiye mukino itangira gusatira ishaka icyo kwishyura ariko ntibyatanze uburyo amahirwe yabonaga.

Ku munota 17, Rayon Sports amahirwe yo gutsinda igitego cya kabiri ku ishoti rikomeye ryatewe na Nshimiyimana Fabrice, ku bw'amahirwe make rica hanze gato y'izamu.

Young Africans SC nayo yahise isubiza binyuze muri Rutahizamu Ecua wateye umupira waciye mu rihumye ba myugariro ba Rayon Sports ariko Rushema aramutungura awumukura ku kirenge ujya mu maboko y'umuzamu Kouyate.

Ku munota 29, Young Africans SC yabonye igitego cyo kwishyura ku mupira watakajwe na Bingi Belo imbere y'izamu, ugera kuri Rutahizamu Boyeli wateye ishoti umunyezamu Kouyate ntiyagira byinshi akora umupira uruhukira mu rushundura.

Ku munota wa 36, Rayon Sports yahushije uburyo bwabazwe ku mupira wazamukanywe na Serumogo Ali, asiga abakinnyi ba Young Africans SC yinjira mu rubuga rw'amahina, mu gihe yiteguraga gushota umuzamu, Mwanyeto arasrebeka awumukuraho neza awushyira muri Koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 44, Young Africans SC yatsinze igitego cya kabiri ku mupira wazamukanywe na Pacôme Zouzoua asiga abakinnyi ba Rayon Sports atera ishoti rikomeye ari inyuma y'urubuga rw'amahina ku ruhande rw'iburyo umunyezamu Drissa Kouyatte ananirwa kuwukuramo ujya mu rushundura.

Igice cya mbere cyarangiye Young Africans SC yatsinze Rayon Sports ibitego 2-1.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka Sindi Paul Jesus na Tambwe Gloire basimbura Rushema Chris na Fabrice Nshimiyimana.

Ni nako byangenze kuri Yanga SC yakuyemo Boyeli, Doumbia na Ecua hinjira Kouma, Chikola na Prince Dube.

Rayon sports yagarukanye imbaraga muri iki gice itangira gusatira ishaka icyo kwishyura harimo ku mupira Abedi Bigirimana yacenze abakinnyi ba Yanga SC hagati mu kibuga, umupira awuha Serumogo wari wenyine imbere y'izamu ariko ananirwa kuwufunga neza usubira ku bakinnyi ba Yanga SC.

Ku munota 84, Tambwe Gloire yateye umupira muremure ku izamu habura gato ngo ujye mu rushundura, umunyezamu ahita awufata agongana n'ipoto.

Ku munota wa 90+2, Young Africa SC yatsinze igitego cya gatatu ku mupira wari uvuye muri koruneri, myugariro Mwamnyeto awushyira ku mutwe uruhukira mu rushundura, umunyezamu Kouyate ntiyamenya ibyabaye.



Abakinnyi Rayon Sports yabanje mu kibuga



Pacome zouzoua ni umwe mu bakinnyi bagoye cyane Rayon Sports




Young Africans SC yo muri Tanzania yatsinze Rayon Sports ku munsi wIgikundiro, inegukana igikombe

Umukino warangiye Rayon Sports itsinzwe na Young Africa SC ibitego 3-1, uba umukino wa gatanu inaniwe gutsinda mu yo imaze gukina yitegura umwaka w'imikino mushya.

Iyi kipe yo muri Tanzania yahise itwara igikombe cyateguwe na Rayon Sports.

Ni inshuro ya gatanu Rayon Sports itsinzwe ku munsi wayo kuko mu 2021 yatsinzwe na Kiyovu Sports ibitego 2-1, mu 2022 itsindwa na Vipers SC igitego 1-0, mu 2023 yatsinzwe na Kenya Police FC igitego 1-0 mu 2024 yatsinzwe na Azam FC igitego 1-0, iheruka intsinzi yo kuri uyu munsi mu 2019 ubwo yatsindaga Gasogi United ibitego 3-1.

**Abakinnyi babanje mu kibuga ku mpande zombi**

**Rayon Sports**

Kouyate Drissa, Serumogo Ali, Fabrice Nshimimana, Emery Bayisenge, Emmanuel Nshimiyimana, Aimable Ntarindwa, Seif Niyonzima, Rushema Chris, Abedi Bigirimana, Bingi Belo na Yves Habimana

**Yanga SC**

Hari Diarra, Israel, Boka, Andambwile, Mwamnyeto, Conte, Doumbia, Maxi, Pacome, Boyeli na Ecua.



Abafana ba Rayon Sports ntibanyuzwe nimikinire yikipe yabo

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-26 TARIKI 12 - 18 KANAMA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yatsinze Power Dynamos mu mukino ufungura "Inkera y'Abahizi"



Abakinnyi 11 APR FC yabanje mu kibuga.jpeg

SHEMA Ivan

***APR FC yatsinze Power Dynamos FC yo muri Zambia ibitego 2-0 mu mukino wa gishuti ufungura Icyumweru cy'Inkera y'Abahizi wabereye kuri Stade Amahoro, kuri iki Cyumweru tariki ya 17 Kanama 2025.***

Umukino watangiye utuje umupira ukinirwa cyane mu kibuga uburyo bwa mbere bwabonywe na Power Dynamos binyuze ku mupira wahawe Rutahizamu Eddy Ismael wari imbere y'izamu ananirwa kuwufunga ngo awutereke mu rushundura.

Ku munota wa 12, APR FC yabonye amahirwe yo gufungura amazamu ku mupira Mamadou Sy yahawe ari mu rubuga rw'amahina ananirwa gutera mu izamu arebana n'umunyezamu wa Power Dynamos.



Amakipe yombi yakinanaga ingufu

Ku munota 30, Hakim Kiwanuka wa APR FC, yirukankanye umupira awugeza mu rubuga rw'amahina, asigara arebana n'umunyezamu wa Power Dynamos, Lawrence Mulenga, amuteye ishoti umuzamu atabara ikipe ye.

Ku munota wa 33, Umunyezamu wa APR FC, Ishimwe Pierre, yakuyemo umupira wari utewe na Austin Muwowo awohereza muri koruneri itagize icyo itanga.

Iminota 40 y'umukino yarazwe no gukinira cyane mu kibuga hagati, gutakaza imipira cyane n'amakosa menshi.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya ubusa ku busa.

APR FC yagarukanye imbaraga mu gice cya kabiri bidatsinze ku munota wa 49 yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Rutahizamu Djibril Ouattara n'umutwe ku mupira uteretse watewe na Ruboneka Jean Bosco.

Nyuma y'iminota itatu gusa, APR FC yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Djibril Ouattara nyuma yo kureba neza uguhagarara nabi k'umunyezamu wa Power Dynamos.

Nyuma yo gutsindwa ibitego bibiri, Power Dynamos FC yikubise agashyi itangira gusatira ndetse ibona amahirwe yo kwishyura ku ishoti ryatewe na Makwaza ariko rigarurwa n'urukuta rw'ubwugarizi.

Ku munota wa 63, Ikipe y'Ingabo z'Igihugu yakoze impinduka nyinshi, ikuramo Nshimiyimana Yunusu, Omborenga Fitina, Ngabonziza Pacifique, Hakim Kiwanuka, Mamadou Sy na Djibril Ouattara basimburwa na Aliou Souane, Byiringiro Gilbert, Lamine Bah, Denis Omedi, Mugisha Gilbert na Togui William.

Ku munota wa 69, Mugisha Gilbert yashatse kwinjira mu rubuga rw'amahina ariko myugariro Kondwani wari umutegereje ashyira umupira muri koruneri itagize icyo itanga.

Iminota 10 ya nyuma y'umukino yihariwe na Power Dynamos yashakaga kwishyura igitego kimwe muri bibiri yari yatsinzwe ariko ba myugariro ba APR FC n'umuzamu wabo bakomeza guhagarara neza.

Umukino warangiye APR FC itsinze Power Dynamos FC ibitego 2-0.

APR FC izagaruka mu kibuga ku wa Kabiri, tariki ya 19 Kanama 2025, ikina na AS Kigali saa moya z'ijoro kuri Kigali Pele Stadium.

***Abakinnyi 11 babanje mu kibuga ku mpande zombi***

**APR FC**

Ishimwe Pierre, Niyigena Clement, Nshimiyimana Yunussu, Omborenga Fitina, Niyomugabo Claude, Dauda Yussif Seidu, Ngabonziza Pacifique, Ruboneka Jean Bosco, Djibril Oauttara Cheick, Kiwanuka Hakim na Mamadou Sy

**Power Dynamos FC**

Mulenga Lawrence, Katebe Aaron, Jackson Mulambia, Kondwani Chiboni, Daniel Adoko, Linos Makwaza Jr, Austin Muwowo, Eddy Ismael Ankobo, John Soko, Brian Masanyinga na Innocent Kashita.




APR FC yatsinze Power Dynamos FC yo muri Zambia ibitego 2-0 mu mukino wa gishuti